# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-22 | TARIKI 15 - 21 NYAKANGA 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw




AMAKURU
UK yasabye kwihutisha ibikubiye mu masezerano y'amahoro y'u Rwanda na RDC

2

AMAKURU
U Rwanda ku isonga mu rwego rw'imiyoborere na politiki muri Afurika

4

UBUZIMA
Ibigo nderabuzima byahawe 'tablets' zifasha gutanga amakuru byihuse

11

AMAKURU
Abavumvu bo mu Rwanda bagiye kubona isoko ry'ubuki mu Bushinwa

17

# RDB yijeje kwihutisha serivisi zo kwandikisha ingwate



**Umuyobozi Mukuru wa RDB, Jean Guy Afrika**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Urwego rw'Iterambere mu Rwanda (RDB) rwemeye ko hari ibibazo byo gutinda mu gutanga serivisi zo kwandikisha ingwate, rwizeza ko bigeye gukemuka mu gihe kitarenze ku wa 24 Nyakanga 2025.***

Byakomojweho n'Umuyobozi Mukuru wa RDB Jean Guy Afrika, ubwo yasubizaga ubutumwa bw'umwe mu bakoresha imbuga nkoranyambaga watabarije ibigo by'imari bikomeje guhura n'ingaruka z'uko gutinda.

Serivisi za RDB ziri mu zishimwa na benshi mu bari mu gihugu ndetse no mu mahanga, by'umwihariko izo kwandika ibigo by'ishoramari, kwandikisha ingwate n'izindi zitangwa mu gihugu no ku rwego mpuzamahanga.

Kwegereza abaturage serivisi ijyanye no kwandikisha ingwate ni umwanzuro wa 12 w'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano yateranye mu mpera z'umwaka wa 2012, ari na ho hatangiye gahunda y'uko ibigo by'imari ari byo byandikisha ingwate z'abakiliya bazo muri RDB.

KOMEZA KU RUP.3

## Igihatse impinduka zagaragaye mu mitegurire y'ibizamini bya Leta

**KAMALIZA Agnes**

***Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) yavuze ko impinduka zagaragaye mu mitegurire y'ibizamini bya Leta bisoza ibyiciro bitandukanye by'amashuri, aho abana bahitagamo igisubizo kiri cyo muri byinshi bahawe (multiple choice), atari umukino w'amahirwe ahubwo ari iby'abahanga bitsinda uwakoze.***

Ibyo bitangajwe nyuma y'uko iyo mibarize yavugishije bamwe aho bavugaga ko bizatuma abana baba abanebwe abandi bakanga kwiga kubera iyo mibarize bita ko icirirtse.

KOMEZA KU RUP.3



## Perezida Kagame n'abayobozi ba UGHE baganiriye ku burezi mu by'ubuvuzi

INKURU KU URUP.2



**Perezida Paul Kagame yaganiriye n'abayobozi bakuru ba Kaminuza UGHE, ku kurushaho kwimakaza uburezi mu rwego rw'ubuvuzi**

# Perezida Kagame n'abayobozi ba UGHE baganiriye ku burezi mu by'ubuvuzi

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame n'abayobozi bakuru ba Kaminuza Mpuzamahanga yigisha amasomo y'Ubuvuzi n'Ubuzima kuri Bose (UGHE), baganiriye ku kurushaho kwimakaza uburezi buganisha u Rwanda ku kuba icyerekekezo cy'ubuzima muri Afurika.***

Nyagarutsweho yakiraga Umuyobozi w'Icyubahiro wa UGHE Dr. Jim Yong Kim, Umuyobozi Mukuru Prof. Phil Cotton, n'Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi Dr. Joe Rhatigan, ku gicamunsi cyo kuri uyu wa Gatanu tariki ya 18 Nyakanga 2025.

Ibiganiro bagiranye byibanze ku bufatanye bukomeje hagati ya Guverinoma y'u Rwanda n'iyo Kaminuza bwibanda ku kuganisha Igihugu ku cyerekezo cyo kuba igicumbi cy'uburezi mu by'ubuvuzi, ubushakashatsi no guhanga ibishya mu ikoranabuhanga ryifashishwa mu buvuzi.

Kaminuza ya UGHE yatangiye imirimo yayo mu Rwanda mu mwaka wa 2015, aho ifite icyicaro i Butaro mu Karere ka Burera.

Mu mwaka ushize yashyize ku isoko ry'umurimo abanyeshuri 54 baturuka mu bihugu 16 birimo Burkina Faso, Ethiopia, Ghana, Jamaica, Kenya, Liberia, Malawi, Nepal, Nigeria, Sierra Leone, Somalia, South Sudan, Uganda, USA, Zambia n'u Rwanda.

Perezida Kagame ashimirwa guteza imbere urwego rw'ubuvuzi by'umwihariko ku Mugabane wa Afurika.

Muri Kamena 2024 ubwo Perezida Kagame yari mu nama yabereye i Paris mu Bufaransa igamije gutangiza gahunda yo kwihutisha ibijyanye no gukorera inkingo muri Afurika yiswe 'African Vaccine Manufacturing Accelerator (AVMA)', yagarutse ku buryo ibihugu bimwe byoroherwa no kubona inkingo mu gihe ibindi cyane cyane ibyo muri Afurika n'ibikiri mu nzira y'amajyambere bibura aho bizikura.

Ati: "Icyorezo cya COVID-19 cyatwaye ubuzima bw'abaririwa muri za miliyoni, ariko kinagaragaza isura nshya y'ibijyanye n'ubusumbane hagati y'ibihugu byateye imbere n'ibiri mu nzira y'amajyambere. Iyi virusi ntabwo yigeze isiga igihugu na kimwe kitagezweho n'ingaruka, ariko kubona inkingo n'ibyifashishwa mu buvuzi ku gihe byari birimo ingorane n'ubusumbane."

Mu cyumweru gishize Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Buzima (OMS) ryageneye Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame igihembo cyo kumushimira ubuyobozi yagaragaje mu guharanira ko hajyaho uburyo bwo gukumira, kwitegura no guhangana n'ibihe by'ubuzima bidasanzwe.

# UK yasabye kwihutisha ibikubiye mu masezerano y'amahoro y'u Rwanda na RDC

**NTAWITONDA Jean Claude**

*Guverinoma y'Ubwami bw'u Bwongereza (UK) yasabye kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye mu masezerano aheruka gusinywa hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) mu gikorwa cyayobowe na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika mu kwezi gushize.*

Mu butumwa yatangaje ku mbuga nkoranyambaga ku wa Mbere tariki tariki ya 14 Nyakanga, Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ububanyi n'Amahanga, Umuryango wa Commonwealth n'Iterambere David Lammy, yashimye iyo ntambwe ikomeye ya dipolomasi aboneraho gusaba ko ishyirwa mu bikorwa ry'ibiyakubiyemo ryakwihutishwa.

Yashimiye kandi Perezida wa Felix Antoine Tshisekedi Tshilombo ku bwo gusinyana amasezerano y'amahoro na Guverinoma y'u Rwanda, abonwa nk'intangiriro y'urugendo rw'amahoro n'umutekano birambye mu Karere k'ibiyaga Bigari.

David Lammy yagize ati: "Amasezerano y'amahoro yasinywe hagati y'u Rwanda na RDC, yorohejwe Leta Zunze Ubumwe z'Amerika , ashobora kuba intangiriro y'imperuka idashisikanywaho y'umutekano muke mu Karere."

Akomoza ku gushima Perezida Tshisekedi David Lammy, yashimangiye uruhare rw'ingenzi rwa Leta ya Kinshasa mu kwemera kuyoboka inzira irambye yo kugarura amahoro arambye mu Karere.

Yavuze kandi ko Ubwongereza bushyigikiye ibiganiro bikomeje hagati ya Guverinoma ya RDC n'inyeshyamba za AFC/M23 bikomeje kubera i Doha

Ati: "Ndashimira kandi Perezida wa RDC ku bw'amasezerano, kandi nasabye ko yashyirwa mu ngiro kandi nkanashimira ubushake bukomeje bwa RDC mu biganiro bya Doha."

Mu cyumweru gishize, na bwo David Lammy yatangaje ko yavuganye na Perezida wa Repubulika Paul Kagame mu gushima intambwe yatewe y'amasezerano y'amahoro mu anashimangira ko bikenewe ko ashyirwa mu bikorwa n'impande zose.

Mu kwezi kwa Gashyantare uyu mwaka, Lammy yagiriye uruzinduko rw'akazi i Kinshasa n'i Kigali, abonana n'Abakuru b'Ibihugu byombi mu muhate w'u Bwongereza wo gushakira amahoro Akarere k'Ibiyaga Bigari.


Muri uko kwezi u Bwongereza bwatangaje urutonde rw'ibihano bugiye gufatira u Rwanda mu gihe hadatewe intambwe igaragara mu byo icyo gihugu cyari cyahawe na Leta ya Congo nk'intandaro y'amakimbirane.

Gutangaza ibihano byashingiwe ku mvugo yakwijwe na Leta ya RDC ko u Rwanda rufite ingabo mu Burasirazuba bwa RDC, ariko byaje kurangira bigaragaye ko ibihano ntacyo cyakora ku bibazo byugarije Akarere.

Perezida Kagame aheruka kuvuga ko hari ibihugu byagerageje gushakira igisubizo aya makimbirane binyuze mu gufata ibihano no kurinda inyungu zabyo bibogama ariko ntibyakunda, ashima ubuyobozi bwa Perezida T w'Amerika Donald Trump bwahisemo kwinjira mu kibazo butabogamye.

Ubwami bw'u Bwongereza buje bwiyongera ku bindi bihugu bitandukanye ku Isi bidahwema kugaragaza ko bishyigikiye intambwe u Rwanda na RDC byateye iganisha ku mahoro n'umutekano birambye mu Karere.

Amasezerano yasinywe mu mpera z'ukwezi gushize kwa Kamena azafasha kugarura umwuka mwiza hagati y'ibihugu byombi nyuma yo guhashya umutwe w'iterabwoba wa FDLR ubonwa nk'izingiro ry'umutekano muke n'ingengabitekerezo ya Jenoside yabaye karande mu Karere k'Ibiyaga Bigari.



**Guverinoma y'Ubwami bw'u Bwongereza (UK) yasabye kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'ibikubiye mu masezerano hagati y'u Rwanda na RDC**





# RDB yijeje kwihutisha serivisi zo kwandikisha ingwate

IBIKURIKIRA URUP.1

Byakuyeho kuba abakiliya ba banki ari bo basabwaga kwigira ku cyicaro cya RDB kwandikisha ingwate, ndetse na banki na zo zabaga zibonye iyo serivisi mu gihe kitarenze iminsi ibiri, bigatuma abaturage barushaho koroherwa no kubona inguzanyo.

Ignace Kabagambe, umwe mu bakoresha imbuga nkoranyambaga yagaragaje ko iyo serivisi ubusanzwe yishimiwe, kuri ubu isigaye iboneka mu minsi itari munsi y'icumi ivuye ku minsi ibiri yafataga kugira ngo banki ibe yabonye igisubizo.

Umuyobozi wa RDB Jean-Guy Afrika, yemeje ko serivisi zimaze igihe zidindira mu biro by'Umwanditsi Mukuru anashimangira ko hafashwe ingamba yo kongera kuzisubiza ku murongo.

Ati: "Habayeho kudohoka mu itangwa rya serivisi. Ibyifuzo bigera kuri One Stop Center (OSC) byariyongereye cyane, aho abandikisha ubucuruzi bageze kuri 600 ku munsi, ndetse n'abandikisha ingwate barushaho kwiyongera. Icyakora, kuzamura abakozi no kuzamura sisitemu ntibyakomeje umuvuduko."

Gusa yakomeje ashimangira ko igikorwa cyo kwinjiza abakozi bashya n'icyo kuvugurura ikoranabuhanga byombi byamaze kurangira, bikaba byitezwe ko bitarenze ku wa 24 Nyakanga imitangire ya serivisi izaba yasubiye kunozwa kurusha uko yahoze.

Ati: "Abakozi barakora ubutaruhuka kugira ngo barangize ibirarane bitarenze ku wa 22 Nyakanga maze batangire gutanga serivisi zisanzwe ku wa 24 Nyakanga. Dusobanukiwe n'ingorane byateje kandi twiyemeje kugarura urugero rwa serivisi mutwitezeho kandi mwemerewe. Itangazo ry'urwego riraza gukurikiraho."

# Igihatse impinduka zagaragaye mu miteguririre y'ibizamini bya Leta

IBIKURIKIRA URUP.1

Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph, yagaragaje ko impinduka mu burezi zigomba kujyana n'icyerekezo cyabwo kandi impinduka mu mibarize itabujije abana gukora.

Mu kiganiro Urubuga rw'Itangazamakuru, Minisitiri Nsengimana yavuze ko hari ushobora gutomboza akagwa ku gisubizo kiri cyo, ariko ahamya ko iyo mibarize abantu bayumvise nabi kuko itagamije guhindura abana abanebwe.

Yagize ati: "Ushobora gutomboza ukagwa ku mubare nyawo, ni nkuko ushobora gukora lotto (imikino y'amahirwe). Ese abatsinda lotto ni bangahe? Rero kuvuga ngo nimukoresha amahitamo abana baratsinda… ngo baranezerewe, ngo ntabwo biga, biroroshye, ntabwo ari byo."



**Abanyeshuri bakoze ibizamini, basabwa guhitamo igisubizo kiri cyo**



**Minisitiri w'Uburezi Nsengimana Joseph yavuze ko guhitamo igisubizo nyacyo mu bizamini bya Leta bishobora abahanga**

Avuga ko guhitamo igisubizo kiri cyo bitabuza umunyeshuri gukora, cyane ko iyo ari imibare bimusaba kubanza gukora no gutekereza.

Ati: "Rero iyo umuntu ari gutekereza ibyo guhitamo bagira ngo ni ibintu umuntu atura aho gutyo. Oya ntabwo ari ko bigenda, uba wakoze, uba watekereje. Uba wakoze byose uba wagombaga gukora, nurangiza uba ufite umubare wagezeho. Noneho njye ndakubaza nti mbwira muri iyi mibare uwo wahisemo noneho ukambwira uwo ari wo."

Yagaragaje ko iyo mibarize yihutisha gukosora kandi ari ibintu bikomeje kwigwaho kugira ngo ireme ry'uburezi rizamuke harebwa aho gushyira imbaraga.

Ubwo yagarukaga ku mpinduka zakozwe mu cyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, aho ibyo umunyeshuri yigaga byari bishingiye ku masomo atatu yavuze ko byakuweho mu rwego rwo gutyaza no kongerera abanyeshuri ubumenyi buhagije bagasoza bazi byinshi bitandukanye.

Guhera mu mwaka w'amashuri wa 2025-2026 abanyeshuri bazajya biga amasomo akubiye mu byiciro bitatu aho bazajya biga imibare (Mathematics) na Siyansi (Sciences), Ubugeni (Art) n'Ubumenyamuntu (Humanities) n'indimi (Languages) kandi bitabujije ko uwiga indimi cyangwa ibindi azajya yiga n'andi masomo nk'imibare n'andi.

Yavuze ko ibyo byakozwe bishingiye ku bushashatsi bwakozwe aho habajijwe abarenga ibihumbi 5 ndetse hakareberwa no mu bindi bihugu.

Minisitiri Nsengimana yavuze ko uko byari biteye aho umunyeshuri yakurikiraga amasomo atatu, byatumaga amenya utuntu duke kandi na two ntatumenye neza.

Ati: "Uko byari biteye byatumaga umwana usanga azi utuntu dukeya kandi na two tutuzuye. Urebye amashuri byitwaga ko yigisha imbumbe (combination) zijyanye na siyansi 80% y'ayo mashuri ntabwo yigishaga phyisics kandi muri yo ni ho siyansi ishingiye. Ariko ukavuga ngo wigisha siyansi kandi 80% yayo mashuri atigisha Physics (Ubugenge)?"

Avuga ko ibyo byagiraga ingaruka aho umwana yarangizaga amashuri adafite ubumenyi buhagije butuma ashobora guhitamo neza icyo ashobora kwiga muri kaminuza, cyangwa yajya mu kazi ugasanga igihe agiye gukora abamukoresha bakumva hari ikibura kuko atahawe ubumenyi bugahije.

Agira ati: "Umwana agomba guhabwa ubumenyi butuma ashobora kugira icyo yigezaho."

Agaragaza ko impamvu impinduka zibaho ari uko uburezi na bwo butagomba gusigara inyuma kandi hakarebwa niba ibiri gukorwa bitanga umusaruro.

Avuga ko kuba mu burezi havugwa impinduka nyinshi atazi icyo ababivuga bashingiraho, ahubwo ngo igikwiye kurebwa ni icyo izo mpinduka zije gukemura n'icyo zigamije.

# U Rwanda ku isonga mu rwego rw'imiyoborere na politiki muri Afurika

**ZIGAMA Theoneste**


***U Rwanda rwashyizwe ku mwanya wa mbere mu bihugu byo munsi y'Ubutayu bwa Sahara byimakaje politiki n'imiyoborere myiza mu mwaka wa 2024.***

Ibi byagaragajwe na raporo nshya ya Banki y'Isi yiswe Country Policy and Institutional Assessment (CPIA), yasohotse ku wa 10 Nyakanga 2025.

Raporo ya CPIA ipima uburyo ibihugu bifashwa n'Ishami rya Banki y'Isi rishinzwe iterambere ry'ibihugu biri mu nzira y'iterambere ku Isi (IDA) bishyira mu bikorwa politiki zabyo n'imikorere y'inzego.

Iri genzura rikoresha ibipimo 16 bigabanyije mu byiciro bine by'ingenzi ari byo imicungire y'ubukungu, politiki z'imiterere y'ubukungu, ubwisanzure n'uburinganire ndetse n'imiyoborere n'imikorere y'inzego za Leta.

Buri cyiciro gipimwa ku rugero ruri hagati ya 1 na 6, aho 6 ari amanota y'ikirenga.



**U Rwanda ku mwanya wa mbere mu bihugu byo munsi y'Ubutayu bwa Sahara byimakaje politiki n'imiyoborere myiza mu mwaka ushize**

U Rwanda ni rwo rwaje ku isonga n'amanota 4.2, byatewe cyane n'amanota menshi rwabonye mu bijyanye n'ubwisanzure n'uburinganire byagize 4.4 ndetse na politiki z'imiterere y'ubukungu bigira 4.3.

Uyu musaruro uruta kure impuzandengo ya Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara iri kuri 3.1, ndetse unarenze ku mpuzandengo y'Isi ku bihugu byemerewe gufashwa na IDA.

Benin yaje ku mwanya wa kabiri n'amanota 3.9, angana n'aya Côte d'Ivoire, Cap-Vert na Kenya. Byakurikiwe na Togo yagize amanota 3.8, naho Senegal, Mauritania na Tanzania buri kimwe gifite 3.6. Uganda ni yo izoza ibihugu icumi bya mbere n'amanota 3.5.

Raporo yanagaragaje ko impuzandengo ya CPIA muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara mu 2024 yagumye kuri 3.1, nk'uko byari bimeze mu 2023. Ibihugu 9 byagabanyutseho amanota, mu gihe 10 byazamutse.

Hari impinduka mu micungire y'imari ya Leta n'ibyuho bikomeye

Nyuma y'imyaka myinshi y'iterambere ritambamye, impuzandengo ya CPIA muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara igeze ku rwego rumwe n'impuzandengo y'Isi ku bihugu bifashwa na IDA.

Urwo rwego rw'ibihugu biri mu nzira y'iterambere rwagaragaje umusaruro uruta uw'abandi bafashwa na IDA mu bice birimo politiki y'ifaranga n'ivunjisha, imyitwarire myiza mu gucunga imari ya Leta, amategeko y'ubucuruzi, kwita ku batishoboye, kurengera ibidukikije, n'imiyoborere myiza y'inzego za Leta.

Ariko kandi, aho hakaba hakigaragara ibibazo bikomeye mu bice nk'uburenganzira ku mutungo, imiyoborere igendera ku mategeko, no mu ngamba zo kunoza imiyoborere, kurwanya ruswa no kuzamura umuco wo kubazwa inshingano mu nzego za Leta.

Banki y'Isi ivuga ko Guverinoma zo muri icyo cyiciro zakoze ibishoboka mu kugabanya ikoreshwa ry'amafaranga ya Leta. Ibihugu byinshi byafashe ingamba zo kugabanya umubare munini w'imishahara, gukuraho imisoro idasobanutse, no kugabanya inkunga ku bicuruzwa nk'ibikomoka kuri peteroli.

Hari n'ibindi byateye intambwe mu micungire y'umwenda. Mu bihugu 40 byasuzumwe, 26 byagabanyije umubare w'umwenda ugereranyije n'umusaruro mbumbe w'igihugu (GDP) ugereranyije n'umwaka wa 2022. Ibihugu byinshi byashyize imbaraga mu gushaka inguzanyo zoroheje mu rwego rwo kugabanya igiciro cyo kwishyura imyenda.

Ariko ibibazo bikomeye biracyahari. Imihanda n'ibikorwa remezo byo gutwara abantu n'ibintu biracyari hasi, bigatuma ubukungu budindira ndetse bikangiza ubuzima bw'abaturage. Abaturage benshi baracyabura amazi meza, ubwiherero, n'ibindi bikorwa remezo by'ibanze, bigatuma ubukene burushaho gukaza imizi. Serivisi z'uburezi n'ubuvuzi nazo ziracyari hasi, bikabangamira iterambere ry'umuntu no kugera ku musaruro mwiza.

Umutekano na wo ni ikibazo gikomeje kwiyongera. Umubare w'abantu bapfa bazize intambara n'ibikorwa by'iterabwoba muri Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara wiyongereye inshuro eshatu hagati ya 2014 na 2024. Serivisi za Leta, cyane cyane izifasha ubucuruzi, ziracyari hasi. Ibihugu byinshi biracyahura n'imbogamizi mu bijyanye no kwandikisha ubucuruzi, kubona inguzanyo n'izindi serivisi z'ibanze zifasha abikorera.





# Perezida Kagame yatumye Gen (Rtd) Kabarebe kwa Perezida Ruto

**SHEMA Ivan**

***Gen (Rtd) James Kabarebe, Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ubutwererane bw'Akarere muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane y'u Rwanda, yakiriwe na Perezida wa Kenya William Samoei Ruto, nk'Intumwa yihariye ya Perezida wa Repubulika Paul Kagame.***

Amakuru y'uko Perezida Ruto yakiriye Intumwa yihariye ya Perezida Kagame yamenyekanye ku wa Kane tariki ya 17 Nyakanga 2025, ubwo uwo Mukuru w'Igihugu wa Kenya yabitangazaga ku mbuga nkoranyambaga.

Yagize ati: "Nakiriye Gen (Rtd) James Kabarebe, Intumwa yihariye ya Perezida Paul Kagame akaba n'Umunyamabanga wa Leta ushinzwe Ubutwererane bw'Akarere muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane y'u Rwanda. Twagiranye ibiganiro byatanze umusaruro



**Perezida Ruto yakiriye mu biro bye Gen (Rtd) James Kabarebe Intumwa yihariye ya Perezida Paul Kagame**

byibanze ku gushimangira umubano ukomeye kandi utera imbere hagati y'ibihugu byombi."

Perezida Ruto yakomeje avuga ko baganiriye ku ngingo zirebana n'Akarere no ku kurushaho kwimakaza ubutwererane bw'ibihugu byombi by'umwihariko.

Ati: "Twagagariye kandi ku ngingo zitandukanye zirebana n'impande zombi ndetse n'Akarere kandi biyemeza gukomeza ubufatanye mu bijyanye no kurushaho kwimakaza amahoro n'umutekano, ubucuruzi no kwihuza kw'Akarere."

Ibyo biganiro byagarutse ku kwimakaza amahoro n'umutekano mu Karere, ibaye mu gihe Kenya imaze iminsi ihanganye n'imyigaragambyo y'abaturage ishingiye ku ihungabana ry'ubukungu muri icyo gihugu.

Ku wa 8 Nyakanga, Komisiyo ya Kenya Ishinzwe Uburenganzira bwa Muntu yatangaje ko nibura abantu 31 ari bo baguye mu myigaragambyo mu gihe abandi 107 bakomerekeye mu rugendo rw'abigaragambya rwabaye ku munsi wabanje ubwo hibukwaga imyigaragambyo yiswe Saba Saba yo mu 1990.

Kenya ni kimwe mu bihugu byatanze umusaruro mu rugendo rwo guharanira amahoro mu Karere k'Ibiyaga Bigari, by'umwihariko mu biganiro bya Nairobi bihuza inyeshyamba na Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bitabashije gutanga umusaruro wari witezwe.

U Rwanda na Kenya bibana nk'ibihugu by'abavandimwe bihuriye mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC), bisanzwe byifatanya mu guteza imbere inzego zitandukanye.

Ubufatanye bw'ibi bihugu bwashimangiwe n'amasezerano byagiranye mu bihe bitandukanye, arimo na 10 yasinywe muri Mata 2023 yo guteza imbere ubuhinzi, uburezi, ibijyanye n'amagororero, amahugurwa mu bya dipolomasi, ikoranabuhanga, ubuzima, urubyiruko no guteza imbere amakoperative.

Ishoramari ry'Abanya-Kenya mu Rwanda rigaragara muri serivisi zitandukanye zirimo uburezi, ubuvuzi, amabanki n'ibindi byinshi.

Kenya ifite Kaminuza ya Mount Kigali, ndetse no mu itangazamakuru hari ibigo bikomeye nk'ibinyamakuru nka Royal FM na Kiss FM.

Kugeza ubu urwego rw'amabanki mu Rwanda rwiganjemo ishoramari ry'Abanyakenya, aho bashoye imari muri BPR Rwanda Plc ndetse baherutse kugura iyari Cogebanque yabaye Equity Bank-Rwanda.

Izindi banki zisanzwe mu Rwanda zifite inkomoko muri Kenya harimo nka Guaranty Trust Bank Rwanda Plc yihuje na Fina Bank mu 2013 na NCBA Bank Rwanda Plc nyuma yo kwihuza kwa CBA na Crane Bank mu 2018.


# RDC na M23 basinyanye amasezerano y'amahame aganisha ku mahoro n'umutekano

**ZIGAMA Theoneste**

***Intumwa za Leta ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) n'iz'umutwe wa AFC/M23, kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 19 Nyakanga 2025, zashyize umukono ku nyandiko y'amahame ngenderwaho aganisha ku masezerano y'amahoro arambye.***

Iki gikorwa cyabereye mu gihugu cya Qatar, aho impande zombi zari zimaze iminsi mu biganiro.

Ni amasezerano abasesengura iby'umutekano mu Karere bavuga ko atanga icyizere ku mahoro arambye y'Akarere no mu Burasirazuba bwa RDC.



**RDC na M23 basinyanye amasezerano aganisha ku mahoro arambye**

Mu itangazo ryashyizwe ahagaragara n'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU) akimara gusinywa, wagaragaje ko ari intambwe nshya y'icyizere mu Burasirazuba bwa Congo

Perezida wa Komisiyo y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), Mahmoud Ali Youssouf, yishimiye isinywa ry'Amasezerano y'Amahoro hagati ya Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) n'umutwe wa Alliance Fleuve Congo / March 23 Movement (AFC/M23), ryabereye i Doha muri Qatar.

Ati: "Iyi ntambwe ikomeye yafatwa nk'iy'ingenzi mu rugendo rugamije amahoro arambye n'umutekano mu Burasirazuba bwa Congo ndetse no mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Perezida Youssouf yashimye uruhare rwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'igihugu cya Qatar mu gutegura no gushyigikira ibi biganiro, anashimira imikoranire y'abahuza bo mu Muryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC) ndetse n'abo mu Muryango w'Iterambere ry'Ibihugu byo mu Majyepfo ya Afurika (SADC).

Mu butumwa bwe, kandi yashimiye by'umwihariko Sheikh Tamim bin Hamad bin Khalifa Al Thani, Umwami wa Qatar, ku bw'umuhate n'ubwitange agaragaza mu guteza imbere amahoro n'ituze ku Mugabane wa Afurika.

Perezida Youssouf kandi yashimiye Nyakubahwa João Manuel Gonçalves Lourenço, Perezida wa Angola akaba n'Intumwa yihariye ya AU ishinzwe amahoro n'ubwiyunge, hamwe na Nyakubahwa Faure Essozimna Gnassingbé, Perezida wa Togo akaba ari we muhuza wemejwe na AU muri ibi biganiro.

Perezida wa Komisiyo ya AU yashimiye kandi ubwitange, ubushake bwa politiki no kwemera kuganira byagaragajwe na Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ndetse na Repubulika y'u Rwanda, agaragaza ko iyi ntambwe ifungura inzira nshya y'ubufatanye no guharanira amahoro arambye mu karere.

Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe watangaje ko uzakomeza gukorana n'impande zose zirebwa n'aya masezerano mu kuyashyira mu bikorwa neza, hagamijwe kugera ku mahoro, umutekano n'iterambere rirambye muri RDC no mu Karere ka Afurika y'Ibiyaga Bigari.



Ba Minisitiri b'Ububanyi n'amahanga Olivier Nduhungirehe na Rashid Meredov bagiranye ibiganiro

# Minisitiri Nduhungirehe yaganiriye na mugenzi we wa Turkmenistan

**SHEMA Ivan**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Olivier Nduhungirehe, yagiranye ikiganiro kuri Telefone na Rashid Meredov Visi Perezida w'Inama y'Abaminisitiri akaba na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Turkmenistan.***

Ni amakuru yatangajwe ku wa 16 Nyakanga 2025, na Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Rwanda ibinyujije kuri X.

Ikiganiro cyabo cyibanze ku itangazo rihuriweho ritangiza ku mugaragaro umubano w'ibihugu byombi mu bya dipolomasi uherutse gutangazwa ndetse n'Inama ya 3 y'Umuryango w'Abibumbye yita ku bihugu bifite imbogamizi zituruka ku kudakora ku nyanja (LLDC), iteganyijwe kubera muri Turkmenistan kuva tariki ya 5 kugeza ku ya 8 Kanama 2025.

Leta ya Turkmenistan yaboneyeho umwanya wo gutumira u Rwanda muri iyo nama izagaruka ku ngingo zitandukanye zigamije gukomeza gufasha ibyo bihugu kwimakaza n'ubutwererane hagati yabyo ndetse n'abaturanyi.

Ku wa 14 Nyakanga 2025, ni bwo u Rwanda na Turkmenistan byashyize umukono ku itangazo rihuriweho ritangiza umubano w'ibihugu byombi mu bya dipolomasi.

Muri iki gikorwa, u Rwanda rwari ruhagariwe na Ambasaderi w'u Rwanda Uhoraho mu Muryango w'Abibumbye ufite icyicaro i New York Martin Ngoga mu gihe Turkmenistan yari ihagarariwe n'Ambasaderi Uhoraho muri uyu Muryango Aksoltan Ataeva.

Turkmenistan ni igihugu cya 35 mu bihugu by'Aziya bituwe cyane kuko gituwe n'abaturage basaga miliyoni 7 z'amafaranga y'u Rwanda.

Gifite amateka akomeye kuko cyigeze kuba umwe mu mijyi minini ya kera, ndetse kikaza no komekwa ku Bwami bw'u Burusiya mu mwaka wa 1881.

Turkmenistan yaje kuba igihugu cya arizwaga muri Leta Zunze Ubumwe z'Abasoviyeti (Soviet Union) mu 1925, kiba igihugu cyigenga mu 1991.

Iki gihugu ni icya kane ku Isi mu bitunze umutungo kamere wa gazi, ndetse hagati y'umwaka wa 1993 kugeza mu 2019, abaturage bahabwaga na Leta amashanyarazi, amazi na gazi ku buntu.

U Rwanda rubona inyungu nyinshi mu kurushaho kwimakaza ubutwererane n'icyo gihugu mu nzego zitandukanye, by'umwihariko mu kuba rwanabona amahirwe yo kugera kuri ubwo bubiko bwa gazi ndetse n'ibikomoka kuri Peteroli binarizwa muri icyo gihugu.

# Perezida Kagame na Rio Tinto baganiriye ku rugendo rw'imikoranire mu bucukuzi

**ZIGAMA Theoneste**

***Ku wa Gatanu tariki ya 18 Nyakanga 2025, Perezida Paul Kagame yakiriye itsinda ryaturutse mu Kigo Mpuzamahanga mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro cya kabiri ku Isi Rio Tinto Minerals Development Limited, riyobowe na Mark Davies, Umuyobozi ushinzwe Ikoranabuhanga akaba n'umwe mu bagize Komite Nyobozi yacyo.***

Ibiganiro byabo byibanze ku ishusho nshya y'imikoranire hagati ya Leta y'u Rwanda na Rio Tinto ndetse n'ahandi hakomeje gukorwa ubufatanye.

Muri Mutarama 2024 ni bwo Guverinoma y'u Rwanda na Rio Tinto Minerals Development Limited basinyanye amasezerano yo gucukura no gutunganya ubwoko bw'amabuye y'agaciro ya Lithium mu Rwanda, mu Ntara y'Iburengerazuba.

Nk'uko byatangajwe n'Ikigo cy'Igihugu cya Mine, Peterole na Gaze, kuba u Rwanda rwatangira gukorana n'icyo kigo ni amahirwe akomeye mu rwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kubera ubuhanga n'ubunararibonye kizanue ku isoko.

Mu rwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, Kampani Rio Tinto Minerals Development Limited ikorera mu bihugu 35.

Lawrence Dechambenoit Umuyobozi ushinzwe ibikorwa muri Rio Tinto ubwo hatangizwaga imikoranire mu mwaka ushize, yagize ati: "Rio Tinto itewe ishema no gukorana na Guverinoma y'u Rwanda, bikazafasha gushyirwa mu bikorwa ubunararibonye bw'iyi sosiyete, gushakisha ibuye rya lithium riboneka mu Rwanda mu Ntara y'Iburengerazuba., kimwe n'andi mabuye y'agaciro aboneka mu bice bitandukanye."

Muri Nyakanga 2024, Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko yatangiye gukorana na Rio Tinto Minerals Development Limited, mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu gihugu atagarukira gusa kuri lithium.

Ubwo bufatanye bugamije kurushaho kubyaza umusaruro amahirwe y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no guteza imbere urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro arimo lithium, tin, tantalum, tungsten n'ibyuma biboneka mu Rwanda.

Ubuyobozi bw'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) bwashimangiye ko ubwo bufatanye bugaragaza intambwe ikomeye yari itewe mu kurushaho guteza imbere urwego rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no gushyigikira iterambere rirambye ry'ubukungu.

Intego nyamukuru ngo ni iyo guhuza gahunda z'u Rwanda z'iterambere ry'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'umusanzu butanga mu kwihutisha iterambere ry'Igihugu.

Ayo kandi ngo ni amahirwe akomeye cyane yo gufasha u Rwanda kurushaho gutanga umusanzu ufatika muri gahunda mpuzamahanga yo kwimukira ku ngufu zitangiza ibidukikije.

Ubwo bufatanye bw'igihe kirekire bwitezweho kwibanda ku gukora ubushakashatsi ku mabuye y'agaciro aboneka mu Gihugu, gukoresha ikoranabuhanga rigezweho n'uburyo bujyanye n'igihe bwo kuyashakisha.

Iyi gahunda kandi yitezweho guharanira ko hakusanywa amakuru yizewe ku rwego ruhanitse ndetse akanasobanurwa mu buryo budasobanya hifashishijwe uburyo buteye imbere bwo gushakisha amabuye y'agaciro ari mu butaka.



Perezida Paul Kagame yakiriye itsinda ryaturutse mu Kigo Mpuzamahanga mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro cya kabiri ku Isi Rio Tinto Minerals Development Limited





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Amahoro y'u Rwanda na RDC adindizwa n'imyumvire igihabanye*

*Mu gihe urugendo rwo gushakira amahoro arambye Akarere k'Ibiyaga Bigari rukomeje gushyigikirwa ku buhuza bwa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika na Qatar, kuvugisha ukuri ku bibazo bihari ni wo musingi wo kugera ku ntego no guharanira impinduka nziza muri sosiyete yakomerekejwe n'amateka.*

*Ikibabaje ni uburyo ikibazo cy'umutekano muke gisobanurwa amaharakubiri, ndetse akenshi abo kireba by'umwihariko bakagifata nk'icyaturutse mu mahanga ku buryo kugishakira igisubizo bidahera mu mizi yacyo.*

*Ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) bifite umuzi mu mateka y'ubukoloni bwubakiye ku macakubiri n'imiyoborere mibi yabukurikiye igakomeza kuyaha icyicaro.*

*Nyuma y'imyaka ikabakaba 100 ishize, ibyo bibazo byafashe indi ntera kubera ko imitwe yitwaje intwaro y'amahanga n'ishingwa n'abenegihugu yabonye ijuru rito kuri ubwo butaka bukungahaye ku mutungo kamere.*

*Muri iyo mitwe harimo n'uw'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakomezanyije imyumvire n'imikorere byuzuye amacakubiri muri icyo gihugu, batangira kuvangura Abanyekongo bashingiye ku moko.*

*Uyu munsi, inyeshyamba za M23 zavutse ku Banyekongo bari barambiwe akarengane bazaniwe na karande z'amateka ya Jenoside zakomeje guhemberwa n'abo banyabyaha bahawe ikaze n'urubuga rwo gukora ibyo bashaka.*

*Ikibabaje n'uyu munsi, ni uko Guverinoma ya RDC itaremera neza ko FDLR ari ryo zingiro ry'ibibazo yikoreye, ahubwo M23 ukaba ari umutwe wavutse mu kwirwanaho no gutabaza ngo akarengane ka bamwe mu Banyekongo kumvwe babone agaciro mu gihugu cyababyaye.*

*Mu gihe RDC ikiyobowe n'imyumvire ko ibibazo byayo bishingiye ku Rwanda ishinja gufasha M23, ntabwo izigera ibona neza virusi bandujwe na FDLR ikaba imaze gukwira no mu Karere kose.*

*Mu gihe iyo myumvire ikibusanye, urugendo rw'amahoro ruzakomeza kudindira kubera kwirengagiza icyo cyago cyagwiriye Akarere.*

# Umujyi wa Kigali: Hagiye gukoreshwa 'drone' mu gukurikirana isuku

**NYIRANEZA Judith**

***Umujyi wa Kigali ugiye kujya wifashisha indege zitagira abapilote (drone) mu kugenzura no gukurikirana isuku mu bice bitandukanye by'Umujyi, hagamijwe gukomeza kurushaho kunoza isuku.***

Umuvugizi w'Umujyi wa Kigali, Emma Claudine Ntirenganya, yasobanuye imikorere ya drone mu gukurikirana isuku mu bice bitandukanye by'Umujyi.

Yavuze ko mu Mujyi wa Kigali harimo gukazwa ingamba ngo ukomeze kuba umujyi mwiza.

Yagize ati: "Mwarabibonye ko Twakajije ingamba mu bijyanye no kurwanya akajagari mu myubakire dukoresheje amashusho ya satellite. Uku kugenda dukoresha ikoranabuhanga ririho ni nabyo turi gushaka kureba uburyo twakoresha ikoranabuhanga risanzweho cyane cyane nk'irya drone kugira ngo dukomeze kureba uburyo isuku ishyirwa mu bikorwa mu Mujyi wa Kigali."

Yakomeje agaragaza kandi ko bizajyanirana no gukomeza guhindura guhindura imyumvire.

Ntirenganaya yagarutse kuri bimwe mu bibazo Umujyi wa Kigali ugifite mu bijyanye no kubahiriza isuku

Ati: "Turacyafite ibibazo by'abantu usanga bihagarika ku muhanda, abafata agacupa bakagata mu muhanda, abasohora ibishingwe kugira ngo kampani ize ibitware bakabisohora kare bikirirwa ku muhanda byateje umwanda, abafite ibipangu mo imbere usanga bidakoreye neza, bidafite isuku ihagije. Ibyo byose ni byo twifuza ko iryo koranabuhanga rizadufashamo."

Iryo koranabuhanga bisobanurwa ko rizafasha gukebura abantu ariko icya mbere ni uko guhindura imyumvire kugira ngo buri wese yumve ko isuku imureba n'akamaro bifitiye Igihugu.

Yagize ati: "Umunyakigali wese yumve ko Kigali icyeye ari inshingano yanjye, ari inshingano yawe, ari inshingano yacu twese kuko ni kimwe mu bintu bidukururira ba mukerarugendo kandi murabizi ko Igihugu cyacu kiyemeje gukora ubukerarugendo mu buryo bw'ishoramari."

Yongeyeho ati: "Isuku mu Mujyi wa Kigali ni kimwe mu bikurura ba mukerarugendo, ni kimwe mu bituma abantu bifuza gukorera inama i Kigali, ni kimwe mu bituma bifuza gusura u Rwanda, ntidushobora gutezuka."

Umuvugizi w'Umujyi wa Kigali, Emma Claudine Ntirenganya, yasobanuye uburyo ikoranabuhanga rizafasha kugenzura isuku hirya no hino mu mujyi wa Kigali, kuko bitakoroha kuboina abantu bagera hose mu makaritsiye kugenzura isuku.

Ati: "Uburyo iri koranabuhanga rizadufasha, [….] ntabwo abantu baba bari hirya no hino.

Iyo ushyizemo ikoranabuhanga rya drone rishobora kudufasha kugera aho tutagera, rikadufasha kubona naho tutabona, kuko isuku ntigarukira aho tubona, ntigarukira ku muhanda niba mu gipangu cyawe imbere hari umwanda drone izajya idufasha kubibona ku buryo bworoshye."

Ikindi ni uko iyo bimaze kugaragara ko isuku idahagije, uwo muntu asurwa, akagirwa inama, atabikosora akaba yanacibwa amande. Ahadasukurwa hadakorwa umuganda, abasohora ibishingwe, abo bose ikoranabuhanga rizajya ritanga amakuru yizewe, afite gihamya.

Yagize ati: "Ariko na wa muntu uri kwihagarika ku muhanda, tubone ngo kariya gace ntibikiri ibihuha, si ibyo abantu bavuga gusa, ahubwo dore amashusho, aha ahantu mukunda kuhihagarika."

Ibihano umuntu wese ukwirakwiza imyanda cyangwa ibikorwa by'imyanda ahatabugenewe, mu Mujyi wa Kigali, acibwa amande angana na 10 000Frws.

Ntirenganya yagize ati: "Iyo utaye agacupa ku muhanda, uducupa twa energy, udupapuro twa biswi muri cya gihe umuntu yihagarika ku muhanda no mu gihe waba ukora ibindi bikorwa byose bikwiza umwanda mu Mujyi wa Kigali, bibangamira isuku yagombye kuba acibwa ayo mande."

Yanagaragaje ko amande agenda atandukana bitewe n'ibikorwa ndetse n'ugikoze, aho nk'ibijyanye no gukora ishoramari, nka za resitora, ku bandi bantu ahantu hahurira n'abantu benshi ayo mande ashobora kwiyongera bitewe n'icyasuzumwe bikagaragara ko kidakorwa neza.



Drone zigiye kujya zifashishwa mu kugenzura isuku mu Mujyi wa Kigali




BDF imaze guhanga imirimo

# BDF yafashije imishinga irenga ibihumbi 55 kuva 2019

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigega giteza imbere imishinga mito n'iciriritse, (BDF) cyagaragaje ko kuva mu mwaka wa 2019 cyafashije imishinga 55.372, yafashije abayikoramo guhanga imirimo, nabo bakayibyaza guha abandi bantu akazi no kugahanga biturutse ku mikoranire.***

Umuyobozi wa BDF, Munyeshyaka Vincent ku wa 15 Nyakanga 2025, yatangaje ko impuguke zagaragaje ko mu bantu bafashije nibura 72% babasha gukora bakarenza imyaka imyaka ibiri.

Yemeza ko kuva muri uwo mwaka BDF yafashije Guverinoma y'u Rwanda mu ihangwa ry'imirimo kuko uruhare rwayo rwihariye imirimo ibihumbi 330 yahanzwe.

Raporo ku isesengura ry'ishyirwa mu bikorwa rya Politiki y'urubyiruko iherutse kugaragarizwa Inteko Rusange umutwe w'Abadepite, yerekanye ko kuva mu 2017-2024 mu Rwanda hahanzwe imirimo mishya igera kuri 1.732.770 harimo 1.466.233 yahanzwe n'urubyiruko, bingana na 85% by'imirimo yose yahanzwe.

Munyeshyaka avuga ko mu mishinga irenga ibihumbi 55 bafashije habonetsemo imirimo yahanzwe bitewe n'uruhererekane nyongeragaciro ba nyirimishinga bakoreramo.

Ati: "Ugendeye kuri uwo mubare abo babashije guhanga imirimo ine. Ariko kuko ibyo bakora biri mu ruhererekane nyongeragaciro; tuvuge niba ari uworora inkoko afite aho azagura ibiryo byazo n'ibindi… twasanze kubera abo bandi bakorana nabo nibura bagiye bahanga imirimo 2 idaturutse ku mushinga ahubwo iturutse ku mikoranire nuwo mushinga."

Avuga ko mu bantu bafashije bamaze hejuru y'imyaka ibiri bakora, ubushakashatsi bwagarageje 68% muri bo bakora imishinga izwi kandi yanditse mu Rwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB).

Gahunda irebana no guhanga imirimo bijyanye n'intego z'Igihugu zo Kwihutisha Iterambere (NST2) hari intego yo guhanga imirimo mishya 1.250.000 hagati ya 2024-2029, aho biteganyijwe ko hazongerwa imirimo ibyara inyungu kandi igirira ba nyirayo akamaro.

# U Rwanda ntirwagowe n'ihagarikwa ry'inkunga mu rwego rw'ubuzima - Minisitiri Dr Nsanzimana

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisitiri w'Ubuzima, Dr Sabin Nsanzimana, yatangaje ko u Rwanda rutagowe n'ihagarikwa ry'inkunga mu rwego rw'ubuzima kuko rwari rwarubatse ibishobora gutuma rudahagarika ibyo rukora ikindi kandi rukomeje gushaka ibisubizo bituma rugera ku byo rwagombaga gukora.***

Dr Nsanzimana yabigarutseho ku mugoroba wo ku wa Mbere tariki 14 Nyakanga, mu kiganiro inzego z'ubuzima zitandukanye ku Isi zagiranye n'abanyamakuru.

Impuguke n'abashakashatsi ku ndwara ya Sida barenga 3 000 bitabiriye inama mpuzamahanga kuri Sida, bo bagaragaza ko Leta z'ibihugu n'imiryango ya sosiyete sivile, bakwiye gushyira hamwe mu gushaka ubushobozi mu by'imari bitewe n'uko inkunga z'amahanga zafashaka mu guhangana n'iki cyorezo zagabanutse.

Ku ruhande rw'u Rwanda, Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin Nsanzimana yerekanye ko ihagarikwa ry'inkunga z'amahanga ritakomye mu nkokora serivisi z'ubuvuzi mu Rwanda bitewe nibyo Leta yari yarakoze mbere.

Yagize ati: "Ibyo tumaze amezi dukora bibaye, ni uko iby'ingenzi bituma tudahagarika ibyo dukora; ibijyanye n'imiti, ibijyanye no gusuzuma, ibijyanye no kugira ngo izo porogaramu zacu zitazahagarara, byose byarakozwe ndetse dushakisha uko dushoboye ibyatwaraga amafaranga menshi bikorwa mu buryo bitwara make kandi tutabihagaritse.

Ntabwo twigeze duhindura intego zacu nta nubwo tuzabikora ahubwo turashaka ibindi bisubizo bituma tugera ku byo twagombaga kugeraho, nubwo inkunga zagenda kuko n'ubundi ntabwo zizahoraho iteka ryose, ngira ngo icyo ni cyo cyakozwe kandi ni ko gahunda ya Leta y'u Rwanda ikomeza no mu bindi."

Yakomeje avuga ati: "Twagiye tudakora serivisi zo kurwanya Sida ziri ku ruhande ahubwo ziri muri gahunda zindi zo kubaka urwego rw'ubuzima. Byaradufashije rero kuko ntabwo twabonaga ibyo kurwanya Sida byaba bitandukanye n'ubundi no kubaka urwego rw'ubuzima.

Iyo tunitegura n'icyo gihe ibigenerwa porogaramu runaka bihagaze, urwego rw'ubuzima rwo rwakomeza rukomera, indwara iyo ari yo yose twahangana na yo."

Mu nama mpuzamahanga ivuga kuri Virusi itera Sida ikomeje kubera mu Rwanda kugeza ku itariki 17 Nyakanga 2025, u Rwanda rurimo kugaragazwa nk'igihugu cyabaye indashyikirwa mu kubaka urwego rw'ubuvuzi bitewe n'uko ubwandu mu Rwanda ubu bugeze kuri 2.7% ku bafite imyaka iri hagati ya 15-49 ndetse na 0.5% mu bana bari hagati ya 0-14.

99% by'ababyeyi batwite bafite ubwandu bwa Virusi itera Sida, bafashwa kubyara umwana utanduye.

Urubyiruko ni kimwe mu byiciro byugarijwe n'icyorezo cya Sida ku rwego rw'Isi, bitewe n'uko benshi muri bo badakunze kwiyakira igihe banduye virusi, bigatuma batavurwa hakiri kare.

Mu Rwanda habarurwa abagera ku 230 000 bafite virusi itera Sida, ubwandu bushya buri ku bantu 3 200 ku mwaka barimo 2 600 bahitanwa nayo.

Muri 2024, u Rwanda rwashyizwe mu bihugu 5 bya mbere ku Isi byageze ku ntego ya 95% by'abanduye bakaba babizi, 95% by'abayifite bakaba barashyizwe ku miti na 95% bafite iyi virusi bakaba baragabanyije ikwirakwizwa ryayo.




Minisitiri w'Ubuzima, Dr Sabin Nsanzimana, agaragaza ko ihagarikwa ry'inkunga ritakomye mu nkokora urwego rw'ubuzima





# Abahawe inshingano nshya bashimiye Perezida Kagame

**KAYITARE Jean Paul**

***Inama y'Abaminisitiri yateraniye muri Village Urugwiro iyobowe na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, yashyize abayobozi mu myanya itandukanye. Abahawe inshingano bashimiye Umukuru w'Igihugu wabahaye inshingano nshya.***




Innocent Bagamba Muhizi yagizwe Ambasaderi w'u Rwanda muri Repubulika ya Singapore ni umwe mu bashimye gushyirwa mu myanya

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku mugoroba wo ku wa Gatatu tariki 16 Nyakanga 2025, yagize Innocent Bagamba Muhizi Ambasaderi w'u Rwanda muri Repubulika ya Singapore.

Abinyujije ku rubuga rwe rwa X, yagize ati: "Nishimiye kandi ntewe ishema n'icyizere mwangiriye Nyakubahwa Perezida Paul Kagame, cyo guhagararira u Rwanda nka Ambasaderi muri Singapore.

Ndabashimiye byimazeyo, kandi nzakomeza gukorera igihugu cyanjye n'umwete, nshishikajwe no gukomeza guteza imbere umubano mwiza uri hagati y'ibihugu byombi!"

Innocent B Muhizi yari asanzwe ari Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Ikoranabuhanga mu Itumanaho n'Isakazabumenyi (RISA).

Aristarque Ngoga na we ni umwe mu bashyizwe mu myanya y'ubuyobozi n'inama y'Abaminisitiri. Yagizwe Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi.

Ni umwanya yasimbuyeho Habinshuti Philippe wari ufite izo nshingano kuva ku wa 26 Mutarama 2022.

Yahimishiye Umukuru w'Igihugu. Ati: "Murakoze Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ku cyizere. Gushyira Igihugu imbere, kunoza imikorere n'imikoranire mutwibutsa iteka ndetse n'umurongo mwiza mwaduhaye, bizambera umusingi ukomeye wo kuzuza inshingano ntiganda."

Hortense Mudenge wagizwe Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Mpuzamahanga cy'Imari cya Kigali (KIFC) ni umwe mu bagaragaje ko bishimiye inshingano nshya bahawe.

Yashimiye abo bakoranye mu gihe cy'imyaka 6 bikaba bigiye kumubera umusingi wo kuzuza inshingano nshya yahawe muri KIFC.




Ubwato buzateza imbere ubukerarugendo bunoroshye ingendo mu Kiyaga cya Mirayi

# Bugesera: RDF yatashye ubwato bwa miliyoni 40Frw

**ZIGAMA Theoneste**

***Umugaba Mukuru w'Inkeragutabara (RDF Reserve Force), Maj. Gen. Alex Kagame, Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba Pudence Rubingisa, hamwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Bugesera Richard Mutabazi, ku wa Kane tariki ya17 Nyakanga 2025 batashye ku mugaragaro ubwato bw'ubukerarugendo (Amarebe Cycle Boat Tour), bwubatswe ku bufatanye bw'inkeragutabara zikomoka mu Karere ka Bugesera.***

Iki gikorwa ni igice cy'ishoramari rikomeye mu guteza imbere ubukerarugendo muri aka Karere, kikaba kitezweho koroshya ingendo ku Kiyaga cya Mirayi, kimwe mu byiza nyaburanga biri mu Karere ka Bugesera gafite.

Uyu mushinga wo kubaka ubu bwato watwaye asaga miliyoni 40 z'amafaranga y'u Rwanda.

Mu ijambo rye ubwo hatahwaga ku mugaragaro ubu bwato, Maj. Gen. Kagame yashimye iki gitekerezo cyatangijwe n'ubufatanye bw'abasirikare b'inkeragutabara, agaragaza ko ubufatanye n'ubumwe byabaranze ari urugero rwiza.

Yabashishikarije gukomeza gukorera hamwe no gukomeza guteza imbere ibikorwa byabo, yibutsa ko amakoperative ari uburyo bwiza bwo kwihutisha iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage

Yongeye kwizeza ko Ingabo z'Igihugu zizakomeza gutera inkunga imishinga nk'iyi, cyane cyane iyerekana icyerekezo gifatika cyo guteza imbere abaturage.

Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba, Rubingisa na we yijeje ko Intara ayoboye izakomeza gushyigikira uyu mushinga uko bishoboka kose, agaragaza ko wateguwe hagamijwe kuzamura imibereho myiza y'abaturage no guteza imbere ubukerarugendo.

Yashimangiye ko ari inshingano rusange gufatanya kugira ngo uyu mushinga uzagere ku ntego zawo z'igihe kirekire.

# Nick Barigye yagizwe Umuyobozi Mukuru wa Crystal Ventures Ltd

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Nick Barigye yagizwe Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete ya Crystal Ventures Ltd (CVL), ibumbiyemo ibindi bigo bitandukanye bikora imirimo y'ubucuruzi mu Rwanda burimo ubujyanye n'ibikorerwa mu nganda, ubwubatsi, umutekano, kwakira abantu n'ibindi.***

Barigye yari asazwe ari Umuyobozi Mukuru wa Rwanda Finance Limited, iyobora Ikigo Mpuzamahanga gishinzwe Ibikorwa by'Ubucuruzi n'Imari cya Kigali (KIFC/Kigali International Financial Center), ku mwanya mushya akaba asimbuye Dr. Jack N. Kayonga.

Uyu mugabo afite ubunararibonye bw'imyaka isaga 15 mu kuyobora ibigo bikomeye kandi byubatse izina muri Afurika, yari amaze imyaka itandatu ayobora Rwanda Finance Ltd imuvuga imyato kubera ubuyobozi bwazamuye u Rwanda mu myanya myiza mu rwego rw'imari mu ruhando mpuzamahanga.

Ubuyobozi n'abakozi bwa Rwanda Finance Ltd bwagize buti: "Warakoze Nick, ku bw'ubuyobozi bwawe bwashyize KIFC ku rutonde rw'Ibigo Mpuzamahanga by'Afurika bikomeye mu rwego rw'imari. Twishimiye cyane ibikorwa byanyu byiza kandi tubifurije gukomeza gutsinda."

Byemejwe ko Hortense Mudenge wari Umuyobozi ushinzwe Ibikorwa ari we wahise agirwa Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo wa Rwanda Finance Ltd, mu guharanira ko ibikorwa by'icyo kigo bikomeza nta nkomyi mu gihe cy'inzibacyuho.

Madamu Mudenge na we yizeweho gutanga umusazu ukomeye mu kurushaho kwagura urwego rw'imari rw'u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga, no kuyobora icyerekezo cya KIFC ku ntego zayo zo kugira Kigali icyicharo cya serivisi z'imari mu Karere.

Nick Barijye wagizwe Umuyobozi wa Crystal Ventures, mbere yo kuyobora Rwanda Finance yabaye Umuyobozi wa Karisimbi Business Partners, Ikigo Nyafurika gikora ishoramari ritandukanye.

Hagati y'umwaka wa 2008 na 2014, yari umwe mu bayobozi nshingwabikorwa ba Crystal Ventures, bivuze ko asanzwe azi imikorere n'icyerekezo cy'icyo kigo cya mbere cy'ishoramari mu Rwanda.

Barigye ni umwe mu bayobozi bareberera Ishuri Mpuzamahanga rya Green Hills Academy (GHA), akaba n'Umuyobozi w'Inama y'Ubutegetsi ya AB Bank Rwanda, uwa SONARWA Life Insurance.

Afite impamyabumenyi y'icyiciro cya Gatatu cya Kaminuza (MBA) yakiye mu Ishuri Rikuru ry'Ubucuruzi rya Strathmore muri Kenya ndetse n'Impamyabumenyu y'Icyiciro cya Kabiri cya Kaminuza (Bachelor) mu Ibaruramari yakuye mu yahoze ari Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (NUR).

# Ibitaro bya Kigali by'indwara zo mu mutwe byakiriye ingimbi n'abangavu 600

**KAMALIZA Agnes**

***Ubuyobozi bw'Ibitaro bitanga serivisi z'indwara zo mu mutwe bya 'Kigali Mental Health Referral Hospital' byatangiye gukora muri Mutarama 2024, bwatangaje ko bimaze kwakira ingimbi n'abangavu 600 bivuje indwara zo mu mutwe bagizwe n'ab'igitsina gore bangana na 52%.***

Umuyobozi w'ibyo bitaro bikorera mu Mujyi wa Kigali Dr. Ndacyayisenga Dynamo, avuga ko nubwo abantu benshi bataramenya indwara zo mu mutwe ariko zibasira ibyiciro byose kandi ziba ikibazo gikomeye ku bana bato, ingimbi n'abangavu.

Dr. Ndacyayisenga mu kiganiro yagiranye na RBA yavuze ko indwara nyinshi z'ubuzima bwo mu mutwe zitangirira mu buto, hagati y'imyaka 12-13, zikagenda zirushaho gukomera uko umwana agenda akura bitewe n'icyiciro agezemo.

Avuga ko akenshi iyo myaka ari yo umwana atangira kwibazamo ibibazo bitandukanye birebana n'ubuzima, atabisobanukirwa bikaba byamuviramo ubwo burwayi ndetse bukaba bushobora gukomera mu gihe budafatiranywe.

Ati: "Indwara zo mu mutwe zikomeye zitangira muri cya gihe umuntu agize imyaka 12-13, igihe umwana atangiye kwishakisha, ashaka kumenya aho akomoka n'ibindi. Hakiyongeraho no kutamenya amakuru ajyanye n'ubuzima iyo bitagenze neza ngo abone ibisobanuro bihagije bishobora kumukurana agatangira kugira ibibazo by'uburwayi bwo mu mutwe."

Avuga ko kutamenya amakuru nyayo bimutera kutiyakira bikaba byamuviramo gutangira gukoresha ibiyobyabwenge no kwishora mu bindi bikorwa byashyira ubuzima bwe mu kaga.

Dr. Ndacyayisenga agaragaza ko ubwo burwayi bushobora no guterwa n'ihungabana umwana aterwa n'ibibazo rimwe na rimwe bimuturukaho, ibituruka kubo babana, amakimbirane mu muryango, ihohotera akorerwa n'abamurera n'ibindi.

Avuga ko bimwe mu bimenyetso umwana wagize ubwo burwayi ashobora kugaragaza birimo gutakaza ubushake bwo gukora, gushikagurika, guhorana icyoba, kutarya, kwigunga, kurakara, amahane atunguranye, kurotaguzwa ibintu bimuhungabanya, kigaragaza umusaruro muke mu byo akora, kutita ku isuku ye, umujinya n'ibindi.

Agaragaza ko kuba 42% by'abivuje ari abatarigeze bahabwa serivisi z'indwara zo mu mutwe na rimwe ahanini byatewe n'ubukangurambaga bwakozwe.

Dr. Ndacyayisenga asaba abantu kutitiranya uburwayi bwo mu mutwe bw'abana n'imyitwarire mibi ahubwo bakagenzura buri kimenyetso bagaragaza bakaba bavurwa kare.


Ati: "Ni ikibazo gikomeye kuba uburwayi bwagera ku bana ntibugaragare, abantu bakabona afite imyitwarire bakumva ko ashobora kubona ari ikibazo cy'imyitwarire kandi mu by'ukuri ari ikibazo cy'ubuzima bwo mu mutwe."

Nubwo Ibitaro by'indwara zo mu mutwe bya Kigali byakiriye abarwayi biganjemo ingimbi n'abangavu, ibya CARAES Ndera na byo bivuga ko abo byakiriye biyongereye ku kigero cya 26%.

Ubuyobozi bwa CARAES Ndera buvuga ko mu 2023 bwakiriye abarwayi ibihumbi 94, mu gihe 2024 barenze ibihumbi 101.

Abahivuriza 45% bakomoka i Kigali, mu gihe abandi baturuka mu bindi bice bitandukanye by'Igihugu.

Umuyobozi w'ibitaro bya Ndera, Frère Charles Nkubiri avuga ko indwara z'agahinda gakabije ziyongereye abazirwaye bageze kuri 11.9%, kugira ubwoba biri ku 8.1%, ihungabana kuri 3.6%, uburwayi bukomeye bwo mu mutwe buri kuri 1.3%, imyitwarire idasanzwe ibangamira abandi muri sosiyete iri kuri 0.8%, mu gihe imyitwarire iganisha ku kwiyahura ari 0.5%.



**Ingimbi n'abangavu bari mu bugarijwe n'ndwara zo mu mutwe**



**Ingabire Victoire yakatiwe igifungo cy'iminsi 30 y'agateganyo**

# Ingabire Victoire yakatiwe gufungwa iminsi 30 y'agateganyo

**KAYITARE Jean Paul**

***Urukiko rw'Ibanze rwa Kicukiro rwakatiye Ingabire Victoire igifungo cy'iminsi 30 y'agateganyo kugira ngo afunzwe kubera ko ibyaha akurikiranyweho bihungabanya umudendezo w'Igihugu.***

Urukiko rwavuze ko aramutse akurikiranwe ari hanze yaba abonye umwanya wo gushyira mu bikorwa umugambi we, cyangwa akabangamira iperereza cyangwa agatoroka ubutabera.

Urukiko rwanzuye ko agiye gufungirwa mu Igororero rya Nyarugenge, akaba yemerewe kujuririra uyu mwanzuro mu gihe kitarenze iminsi itanu.

Urukiko rufashe uwo mwanzuro nyuma y'uko ku wa Kabiri taliki ya 15 Nyakanga 2025, Ubushinjacyaha bwari bwasabye ko Ingabire Victoire Umuhoza yafungwa iminsi 30 y'agateganyo mu gihe iperereza ku byaha akekwaho rigikomeje.

Ubushinjacyaha bwashingiye ku bimenyetso bifatika byerekana impamvu zikomeye zituma Madamu Ingabire Victoire akekwaho ibyaha bikomeye bihungabanya ituze rya rubanda.

Akurikiranweho ibyaha bitandatu birimo gushyiraho umutwe w'abagizi ba nabi, guteza imvururu, kugirira nabi ubutegetsi buriho, gukwiza amakuru atari yo cyangwa icengezamatwara rigamije kwangisha amahanga Leta y'u Rwanda, gutangaza amakuru y'ibihuha, gucura umugambi wo gukora ibyaha byo kugirira nabi ubutegetsi buriho n'icyaha cyo kwigaragambya.

Ingabire Victoire yaburanye ahakana ibyaha byose aregwa avuga ko ari umubyeyi, Umunyarwandakazi n'umunyapolitiki, bityo ko atakwifuriza inabi u Rwanda.

Yanavuze ko nta mpamvu yasabirwa kuburana afunzwe kuko nta mpamvu yahunga u Rwanda cyangwa ngo arugirire nabi, kandi ko aho kugirira nabi u Rwanda yafungwa.







**Tablets zizafasha gukusanya amakuru ajyanye n'ubuzima no kuyatanga byihuse.**

# Ibigo nderabuzima byahawe 'tablets' zifasha gutanga amakuru byihuse

**KAMALIZA Agnes**

***Ikigo cy'Igihugu cyita ku Buzima (RBC) cyahawe ibikoresho by'ikoranabuhanga (tablet) birenga 615, bizashyikirizwa ibigo nderabuzima 515 n'amavuriro y'ibanze 100 biri mu Turere 30 tw'igihugu mu rwego rwo kubifasha gukusanya amakuru ajyanye n'ubuzima no kuyatanga byihuse.***

Ku wa 17 Nyakanga, ni bwo Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku bana (UNICEF) ryahaye RBC izo 'tablet' mu rwego rwo gufasha ibigo nderabuzima gutanga amakuru arebana n'ibyorezo n'izindi ndwara zose zigaragara hirya no hino mu gihugu.

Tablets zatanzwe binyuze mu mushinga ugamije gukumira no guhangana n'ibyorezo, (Strengthening Pandemic Prevention & Response through One Health Approach in Rwanda, SPPROHRW), akaba ari ubufatanye buhuriweho n'Ikigega 'Pandemic Fund' mu rwego rwo kongerera u Rwanda ubushobozi bwo guhangana n'ibyorezo binyuze mu buvuzi rusange.

Izo tablet zizashyirwamo porogaramu yitwa 'Impuruza', uburyo bw'ikoranabuhanga buzoroshya kwinjizamo amakuru, kunoza ireme rya raporo no gufasha abayobozi gufata ibyemezo bishingiye ku bimenyetso bifatika.

Umuyobozi Mukuru wa RBC Prof. Claude Mambo Muvunyi, yashimye ubufatanye bwa UNICEF yemeza ko Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje kongerera imbaraga urwego rw'ubuzima.

Ati: "Izi tablet zizadufasha kumenya no gutanga raporo ku bibazo byugarije ubuzima."

Umuyobozi uhagarariye UNICEF mu Rwanda Lieke van de Wiel, yagaragaje ko ibyo bikoresho bizafasha ibigo nderabuzima gukurikira indwara zugarije abaturage no gutanga amakuru byihuse.

Yagize ati: "Bizaha imbaraga abakozi mu rwego rw'ubuzima zo kongera umuvuduko mu gukurikirana indwara cyane mu bihe by'ibyorezo kandi bizagera kuri bose."

Biteganyijwe ko Abajyanama b'Ubuzima bagera ku 60.000 bazahugurwa ku mikoreshereze y'izo 'tablet' mu rwego rwo gukurikirana no kumenya gutanga raporo vuba.

# VIH: Harateganywa ikinini kimwe mu kwezi cyangwa urushinge mu mezi 6

**NYIRANEZA Judith**

***Mu mwaka wa 2026, biteganyijwe ko mu Rwanda, abafite virusi itera SIDA bafata imiti igabanya ubukana, bashobora kuzajya bafata ikinini rimwe mu kwezi cyangwa se bagakoresha urushinge rumara amezi 6.***

Byagarutsweho na Minisitiri w'Ubuzima Dr Nsanzimana Sabin, ubwo hasozwaga Inama Mpuzamahanga ya 13 yigaga kuri virusi itera SIDA (IAS 2025) yabereye mu Rwanda, ikamara iminsi 5, yasoje ku wa Kane tariki ya 17 Nyakanga.

Dr Nsanzimana yagize ati: "Ibi bigaragaza intambwe ishimishije kandi ikomeye u Rwanda rumaze gutera mu guhangana na virusi itera SIDA. Iyo miti irimo ikinini umuntu afata buri kwezi n'urushinge rwa rufatwa kabiri mu mwaka."

Yavuze ko izatangira mu 2026, ubu ikiri mu igeragezwa, ryatangiriye ku bantu basanzwe bafata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA, bubahirizaga neza amabwiriza ya muganga, bagafata neza imiti n'abafite ibyago byo kwandura.

Dr. Nsanzimana yagize ati: "Ibyavuye mu bushakashatsi bitanga icyizere, kandi biteganyijwe ko iyi miti izatangira gukoreshwa ku rwego rusange guhera mu 2026."

Yakomeje asobanura ko ubwo buryo bwo gufata imiti bworohereza umuntu aho guhora afata imiti buri munsi kandi ifite ubushobozi bwo kugenzura virusi mu mubiri mu gihe kirekire.


Umwe mu bafata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA yatangarije Imvaho Nshya ko ntako bisa kuko kunywa imiti buri munsi bitoroshye.

Yagize ati: "Sinkubeshye, ntib yoroshye kunywa ikinini buri munsi, usanga ndetse bisaba kurya bihagije kuko biba bifite ingufu. Kuba rereo hateganywa byazashoboka ko umwaka utaha, umuntu yajya anyway ikinini kimwe mu kwezi cyangwa agafata urushinge rumwe mu mezi 6."

Yongeyeho kandi ko bizafasha kuko mu buzima busanzwe ngo byagoraga umuntu ufata imiti igabanya ubukana bwa virusi itera SIDA gufata urugendo ari burareyo.

Ati: "Nibura umuntu azaba asa naho aruhutseho kwitwararika, hari igihe byangoraga iyo nabaga mfite urugendo rutuma ndara, umuntu aba yumva atisanzuye, kugendana imiti, kuko burya uburwayi ni ibanga ry'umuntu."

Iyo gahunda y'imiti nshyashya irakorwa ku bufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'abibumbye ryita ku buzima (OMS), I*shami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe kurwanya SIDA* (UNAIDS) n'abandi bafatanyabikorwa.




**Umwaka utaha, mu guhangana na VIH SIDA, hashobra kuzakoreshwa ikinini kimwe mu kwezi cyangwa urushinge mu mezi 6**

# M23 ntirebwa n'itsinda ry'u Rwanda na RDC rihuza ibikorwa by'umutekano'

NTAWITONDA Jean Claude

***"Ndabibutsa ko JSCM ari uburyo bwihariye bw'ibihugu byombi, hagati ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (DRC) n'u Rwanda, bushinzwe by'umwihariko kurandura burundu umutwe w'abajenosideri wa FDLR no gukuraho ingamba z'ubwirinzi zashyizweho n'u Rwanda."***




Minisitiri Nduhungirehe Olivier, yanyomoje Umuvugizi wa Guverinoma akaba na Minisitiri w'Itumanaho n'Itangazamakuru wa RDC Patrick Muyaya

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Nduhungirehe Jean Patrick Olivier, yabikomojeho ubwo yanyomozaga Umuvugizi wa Guverinoma akaba na Minisitiri w'Itumanaho n'Itangazamakuru wa RDC Patrick Muyaya, wabeshye Abanyekongo ko Iryo tsinda rihuriweho rigamije guhuza ibikorwa by'umutekano (JSCM) rizakora no ku nyeshyamba za M23.

Amasezerano yasinywe n'u Rwanda na RDC ku wa 27 Kamena 2025, agaragaza inshingano zihariye z'urwo rwego rwashyiriweho gukurikirana ibikubiye mu Nyandiko y'Ibikorwa bya Gisirikare (Concept of Operations/ CONOPS) yasinyiwe i Luanda muri Angola mu mpera z'umwaka wa 2024.

Inyandiko y'Ibikorwa bya Gisirikare (CONOPS) yashyiriweho kurandura umutwe w'iterabwoba wa FDLR no gukuraho ingamba z'ubwirinzi ku nkike z'u Rwanda mu gihe uwo mutwe waba waranduwe burundu.

Itsinda ryihariye rikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyo nyandiko (JSCM) rigizwe n'abahagarariye DRC n'u Rwanda baturutse mu nzego za Gisirikare, iz'ubutasi ndetse na Minisiteri z'Ububanyi n'Amahanga.

Nyuma yo gusinya amasezerano, ibihugu byombi byahise bisabwa kugaragaza abazabihagararira mu bikorwa by'iryo tsinda birimo kugaragaza, gusesengura no gutunga agatoki ahari FDLR n'indi mitwe iyishamikiyeho mu guharanira kuyirandura burundu.

JSCM yahawe ububasha bwo kugenzura no gusesengura urugendo rw'ishyirwa mu bikorwa rya CONOPS, gukusanya amakuru y'ubutasi no kuyasangira hagati y'impande zombi, bikajyana no kugenzura ibikorwa bya FDLR n'imitwe iyishamikiyeho ku butaka bwa DRC.

Mu kiganiro yatanze kuri Radio Top Congo, Patrick Muyaya yavuze ko gusubira inyuma kwa M23 bizakorwa mu buryo bumwe n'ubw'itsinda rya JSCM yashyizweho n'amasezerano y'amahoro ya Washington yo ku wa 27 Kamena 2025.

Minisitiri Nduhungirehe yashimangiye ko ayo makuru yatanze ari ibinyoma bigamije kuyobya abaturage ba Congo, bikaba atari bishya ukurikije uko Muyaya adahwema kuvuga amakuru ahabanye n'ukuri kw'ibyumvikanyweho.

Ati: "Aya ni amakuru abeshya abaturage ba Congo ku mugaragaro, ibyo Umuvugizi wa Guverinoma ya DRC arabimenyereye… Rero AFC/M23 ntabwo irebwa n'ubu buryo bw'ibihugu byombi."

Yakomeje avuga ko JSCM izibanda cyane ku gukemura ikibazo kibangamiye imipaka y'u Rwanda na DRC ari na cyo kizatuma u Rwanda rukuraho ingamba z'ubwirinzi.

Yagize ati: "Ikibazo cya AFC/M23 kizakemurwa mu biganiro, aho intego ari iyo guhangana n'impamvu shingiro z'amakimbirane no gushaka umuti uboneye w'ayo makimbirane ari na byo bizatanga umusaruro wo kugarura ubuyobozi bwa Leta. Ibyo bigaragara neza mu mahame yasinyiwe i Doha ategura amasezerano y'amahoro."

### Muyaya aracyabona M23 n'u Rwanda nk'umwana na se

Impuguke mu bya Politiki, zivuga ko mu gihe Guverinoma ya DRC itarareka gushingira ku binyoma by'uko ikibazo ifite ari u Rwanda, bizagorana ko ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazuba bw'icyo gihugu bikemuka.

Muyaya ahuza ibikubiye mu masezerano yasinywe n'u Rwanda na DRC ndetse n'amahame yasinywe n'icyo gihugu na M23, yavuze ko, "Nyuma yo guhamagaza umubyeyi wa M23 ari we u Rwanda, dufite Itsinda rizakorana mu guharanira gusohora Ingabo z'u Rwanda."

Iyo myumvire ni yo yatumye n'ibindi biganiro byose bidashoboka, kubera ko iberekera intandaro y'ibibazo byabaye karande mu Burasirazuba bwa DRC bimaze no kwagukira mu bihugu by'Akarere k'Ibiyaga Bigari kose.

Ivanguramoko n'imvugo z'urwango byimakajwe muri icyo gihugu na FDLR yasize ihekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ryafashe indi ntera mu gihe uwo mutwe w'iterabwoba ushyigikiwe na Guverinoma ya Congo, ndetse ukaba urwana ku ruhande rw'Ingabo za yo.

Ku rundi ruhande, inyeshyamba za M23 zashibutse ku Banyekongo bari barambiwe kwamburwa uburenganzira ku gihugu cyabo bahowe ko ari Abatutsi, aho abenshi bameneshejwe bakaba mu buhungiro kugeza n'uyu munsi.

U Rwanda ni kimwe mu bihugu bimaranye izo mpunzi imyaka irenga 25, ndetse buri mwaka rukaba rwakira abahunga, aho ubu barenga ibihumbi 130.

Mu gihe ingamba nyinshi zashyizweho mu kugarura amahoro zananiwe, urugendo rwo gushaka amahoro arambye rwongeye gutanga icyizere ku wa 18 Werurwe ubwo Perezida Paul Kagame na Felix Antoine Tshisekedi bahuriraga mu biganiro i Doha muri Qatar.

Abakuru b'Ibihugu bombi ni bo baharuye inzira y'ibiganiro bigamije kugarura amahoro ndetse ku wa 25 Mata u Rwanda na RDC bisinya ku mahame ategura isinywa ry'amasezerano y'amahoro ku wa 27 Kamena 2025 mu buhuza bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Nanone kandi ibiganiro byahuje abahagarariye AFC/M23 na RDC ku wa 18 no ku wa 23 Mata, ni byo byabyaye isinywa ry'amasezerano y'amahame ku wa 19 Nyakanga 2025, na yo akaba abanziriza amasezerano arambuye.





# U Rwanda rwemerewe miliyari 374 Frw yo gukwiza ingufu

NTAWITONDA Jean Clauude

***Guverinoma y'u Rwanda yemerewe miliyoni 260,76 z'Amayero, ni ukuvuga miliyari zisaga 374 z'amafaranga y'u Rwanda, azifashishwa mu kurushaho gukwirakwiza ingufu kuri bose muri Gahunda y'u Rwanda itanga Umusaruro igamije Gushyigkira Urwego rw'Ingufu (RBF).***

Iyo nkunga igizwe na miliyoni 173,84 z'Amayero (miliyari zisaga 289 z'amafaranga y'u Rwanda) zemejwe n'Inama y'Ubutegetsi ya Banki Nyafurika Itsura Amajyambere (AfDB), n'izindi 86,92 z'Amayero (miliyari zisaga 124 z'amafaranga y'u Rwanda) zizatangwa na Banki y'Ishoramari yo muri Aziya (AIIB).

Iyo gahunda yatewe inkunga igamije kurushaho kunoza umuyoboro w'ingufu z'amashanyarazi no kwagura uburyo bwo kwagura ingufu zitangiza ibidukikije no kongera ubushobozi bw'Igihugu mu rwego rw'Ingufu.

Inama y'Ubutegetsi yemeje iby'iyo nkunga ku wa 14 Nyakanga, ikaba ari icyiciro cya kabiri gitanzwe ku kuri gahunda igamije gutanga umusaruro yo guteza imbere urwego rw'ingufu mu Rwanda yagenewe miliyoni 305 z'amadolari y'Amerika ubwo yemezwaga muri Nzeri 2018.

Ubuyobozi bwa AfDB bushimangira ko izo nkunga zose zishimangira ubushake bw'u Rwanda bwo kurushaho gukora ibikorwa bitanga umusaruro ufarika bigamije kuziba icyuho kugeza ibikorwa remezo by'ingufu kuri bose mu gihugu.

Icyiciro cya kabiri cya Gahunda y'imyaka itanu ya RBF kizarangira mu 2029 cyitezweho kurushaho kunoza imibereho y'abaturage, kwimakaza iterambere ry'ubukungu no kugabanya ubukene binyuze mu ishoramari ryibanda ku hakenewe ingufu kurusha ahandi mu rwego rw'ingufu.

By'umwihariko, iyi gahunda iribanda ku gutanga umusaruro mu nzego eshatu ari zo guteza imbere no kurushaho kwagura umuyoboro w'amashanyarazi n'ibindi bikorwa remezo; kongera ukugera ku mashanyarazi afatiye ku muyoboro w'Igihugu ndetse no ku zindi ngufu, kwikakaza ikoranabuhanga ryo guteka ritangiza ibidukikije, no kongerera imbaraga ubushobozi bw'ibigo n'ubwa tekiniki.

Iyo gahunda yitezweho kandi kugeza amashanyarazi mu ngo z'abaturage zisaga 200.000 n'abakiriya 850 bakoresha amashanyarazi y'umuyoboro w'Igihugu bayabyaza umusaruro.

Nanone kandi hazubakwa imiyoboro mishya isaga 50.000 idafatiye ku muyoboro mugari w'Igihugu, n'ingo zisaga 100.000 ndetse n'ibigo bisaga 310 bya Leta bigezweho uburyo bwo guteka bugezweho butangiza ibidukikije.

Biteganyijwe kandi ko imihanda ireshya n'ibilometero 200 iizacanirwa mu mijyi yunganira Umujyi wa Kigali iherereye mu bice bitandukanye by'u Rwanda.

Iyi gahunda iri mu z'ingenzi zitanga umusaruro ufatika mu cyarekezo cya AfDB cyo gucanira ndetse no kongerera ingufu Afurika bikajyana no kurushaho kunoza imibereho y'abaturage muri Afruika.

Byiyongereyeho kandi, iyo gahunda izanagira uruhare mu kugera ku ntego z'intumbero AfDB ifatanyijemo na Banki y'Isi yo gucanira nibura abaturage basaga miliyoni 300 bitarenze mu 2030.



Inkunga ya miliyari zisaga 374 izifashishwa mu gukwirakwiza amashanyarazi



Inzu 12 zigeretse harimo n'iy'amagorofa 24 zubatswe zidakorewe ubugenzuzi kuri fondasiyo

# Kigali: Inzu 12 zirimo iy'amagorofa 24 zubatswe zidakorewe ubugenzuzi

ZIGAMA Theoneste

***Abadepite bagize Komisiyo y'Ubutaka, Ubuhinzi, Ubworozi n'Ibidukikije bagaragaje ko Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yakozwe hagati y'umwaka wa 2021 na 2024, yerekenye inzu 12 zigeretse harimo n'iy'amagorofa 24 zubatswe zidakorewe ubugenzuzi kuri fondasiyo.***

Babigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 15 Nyakanga 2025, ubwo iyo Komisiyo yaganiraga n'Umujyi wa Kigali n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ubutaka (NLA).

Ni ibiganiro byagarukaga ku bibazo byagaragaye muri raporo y'igenzura ricukumbuye ryakozwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ku itangwa ry'impushya n'igenzura ry'inyubako mu Mujyi wa Kigali.

Komisiyo yabajije Umujyi wa Kigali n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubutaka impamvu bemeye ko izo nzu zubakwa zitujuje ubuziranenge.

Depite Erneste Nsangabandi yavuze ko bitumvikana ukuntu inzu nini nk'izi zidakorerwa igenzura nyamara zaratwaye amafaranga menshi.

Yagize ati: "Niba hari inzu itarakorewe ubugenzuzi igeretse inshuro 24, yaratangiwe icyemezo cyo kubakwa, harimo icyuho. Ahubwo twebwe twakagombye kuba tureba igezemo hagati kuko itazaboneka yaruzuye bikaba ngomba ko isenywa.

Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yagaragaje ko yagenzuye yo nzu y'amagorofa 24 mu mwaka wa 2022, ikaba yari igeze kuri fondasiyo itarakorewe igenzura.

Depite Dr Kanyandekwe Christine yagize ati: "Ni inyubako 12 hari izikomeye cyane, izigeretse inshuro 15, 13 zitakorewe igenzura mu ntangiriro (fondasiyo)."

Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali, Dusengiyumva Samuel, yavuze ko izo nyubako ndende barimo kuzikurikirana ku buryo izo basanze zose zitujuje ibizabwa zisenywa.

Yumvikanishije ko hakomeje ubugenzuzi bwisunze ikoranabuhanga hakoreshwe utudege duto tutagira abaderevu (drones) kandi ngo birimo gutanga umusaruro.

Yagize ati: "Muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta twagaragaje ko ubugenzuzi bwagiye bukorwa rimwe na rimwe inyandiko ntishyirwe muri raporo y'ibyakozwe. Inyubako ndende tugenda tuzikurikirana, inyubako bigaragara ko itujuje ibisabwa tuyikuraho."

Yakomeje agira ati: "Turimo kugenda dukora ubukangurambaga aho abagenzuzi n'abahanga mu bwubatsi ubu turimo turashaka ko ibintu byose bishyirwa mu ikoranabuhanga. Ni ugutekereza ubu buryo, ubu dorone ishobora kwegeranya amakuru ku nyubako ibihumbi 30 ku buryo wagira icyo uyakoresha.

Dusengiyumva yijeje ko mu myaka 2 iri imbere ibijyanye n'ubwubatsi bizaba byamaze guhabwa umurongo ku buryo hazajya hubakwa inzu zujuje ibisabwa gusa.

# Abarimu batse inguzanyo ya miliyari 2 Frw y'amacumbi ntibarayibona

KAMALIZA Agnes

***Koperative Umwalimu SACCO yagaragaje ko umubare w'abarimu basaba inguzanyo yo kubona amacumbi muri gahunda izwi nka 'GIRIWAWE' barenze ubushobozi bwayo, kuko hari miliyari 2 z'amafaranga y'u Rwanda zasabwe zitaraboneka.***

Koperative Umwalimu SACCO yagaragaje ko mu 2023 basabye inguzanyo ya miliyari 20 z'amafaranga y'u Rwanda muri Banki y'Igihugu y'Iterambere (BRD) igenewe 'GIRIWAWE', ariko yasaranganyijwe mu barimu 5.000 gusa ishira hari abandi batayabomnye.

Mu Nteko Rusange idasanzwe yabaye ku wa Gatanu tariki ya 18 Nyakanga 2025, ubuyobozi bw'iyo Koperative bwashimangiye ko hasigaye icyuho cya miliyari ebyiri zitabonetse kandi hari abandi bagikeneye iyo nguzanyo.

Abanyamuryango b'iyo Koperative bemeje ko yakongera gufata inguzanyo ya miliyari 30 z'amafaranga y'u Rwanda muri BRD kugira ngo ibashe guhaza ubusabe bw'abarimu bakeneye inguzanyo yo kubona amacumbi.

Hakizimana Gaspard, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi y'Umwalimu SACCO, yavuze ko kuba bafata indi nguzanyo ya miliyari 30 z'amafaranga y'u Rwanda ari intambwe nziza igamije kuzamura imibereho myiza ya mwarimu.

Avuga ko hari ikibazo gikomeye cyo kuba nta bushobozi bw'inguzanyo abanyamuryango bari bakeneye, ari na yo mpamvu bisunze ikigo cy'imari ngo kibagurize.

Ati: "Nta bushozi twari dufite bw'inguzanyo abanyamuryango bifuzaga biba ngombwa ko tujya kuguza mu bindi bigo by'imari. Inguzanyo turi gufata ni iza gufasha mu gutanga inguzanyo za GIRIWAWE."

Yongeyeho ko iyo nguzanyo iciriritse izafasha abanyamuryango gukomeza kwiteza imbere n'uburezi muri rusange.

Iyo Koperative ivuga ko inguzanyo nshya izishyurwa mu myaka 20 kandi ku nyungu nto ingana na 6.9% ku mwaka mu gihe Abarimu na bo bazakomeza kwishyura ku nyungu ya 11%.



Abarimu bahawe na BRD inguzanyo ya miliyari 30 Rwf muri gahunda ya 'GIRIWAWE'

Bazirake Deo, umwarimu mu Karere ka Kicukiro ufite uburambe bw'imyaka 13 mu kazi, avuga ko amaze gufata inguzanyo ya 'GIRIWAWE' inshuro eshatu kandi zamubyariye inyungu kuko atakiri mu bukode ndetse afite n'inzu akodesha abandi.

Ati: "Inguzanyo ya mbere nayatse mu 2011 ndangiza kuyishyura mu 2013, indi nyisaba 2014 ndangiza 2022. Ubu nabwo nafashe indi nzarangiza kwishyura mu myaka 12. Inzo nguzanyo icyo nzikoresha nziguramo inzu nkazishyiramo abapangayi bikamfasha gukomeza gukora kandi niteza imbere."

Uwase Pacific, mwarimu mu Karere ka Rulindo, avuga ko iyo nguzanyo yamufashije kubaka kandi ko ibafasha gukora akazi batikanga amafaranga y'ubukode.

Ati: "Iyo nguzanyo yamfashije kubaka ariko ni urugendo ruba rutoroshye."

Ubuyobozi bwa Koperative Umwalimu SACCO buvuga ko kuva uyu mwaka watangira bafite urwunguko ruri hejuru ya miliyari 6 z'amafaranga y'u Rwanda, mu gihe umwaka ushize yungutse miliyari 20,5 Frw ubariyemo n'umusoro, avuye kuri miliyari 16,9 Frw yungutse mu 2023, bingana n'izamuka rya 22%.

Mu 2024, inguzanyo z'iyi koperative zari miliyari 203 Frw zivuye kuri miliyari 168 Frw zatanzwe mu 2023, bingana n'izamuka rya 21%, mu gihe umutungo wayo wageze kuri miliyari 239 Frw muri uwo mwaka uvuye kuri miliyari 196 Frw mu 2023, bingana n'izamuka rya 22%.

# BDF yakebuye abakoresha inshuti n'abavandimwe mu mishinga y'iterambere

ZIGAMA Theoneste

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Imishinga Mito n'Iciriritse (BDF) cyakebuye abantu bakora imishinga ibyara inyungu n'abashaka kuyitangiza ko badakwiye gushyiramo abavandimwe babo n'inshuti kuko ari byo bituma ihomba itamaze kabiri.***

Umuyobozi Mukuru wa BDF, Munyeshyaka Vincent, yabwiye itangazamakuru ko mu gihe nyir'umushinga ashaka gufasha abo bafitanye isano ya hafi akwiye kubategurira amafaranga aho kubivanga n'ubucuruzi.

Uwo muyobozi yagiriye inama abashaka gutangiza imishinga y'iterambere ko bakwegera BDF n'izindi nzego bafatanya gutanga inama ku kwihangira imirimo ibyara inyungu.

Yagize ati: "Jya mu mushinga wiyumvamo kandi ukunze. Nk'ubungubu umuntu aricara mu biro, nkanjye ndi Umuyobozi Mukuru wa BDF, nkaba nagira ifamu y'inka i Nyagatare. Iyo famu nubwo nashyiramo amafaranga angana iki ntishobora gutera imbere."

Yakomeje agira inama abantu bakora imishinga n'abashaka kuyitangiza ko bakwiye kujya mu bikorwa byabo bakabyikurikiranira.

Akomeza agira ati: "Ikindi gikunda kunanirana ni ikibazo cyo gucunga umushinga no gushyiramo abakozi. Hari igihe ugira umushinga ugashyiramo abakozi benshi amafaranga akabarangiriramo.

Hari n'igihe ubashyiramo ukagendera ku bo muziranye, niba uri umugabo ugahera ku mugore wawe, umwana wawe, ubwo ntabwo ari ubucuruzi. Niba ushaka kubafasha shaka ingengo y'imari yo kubafasha ku ruhande ariko wibashyira mu mishinga y'iterambere."

KOMEZA KU RUP. 14





# BDF yakebuye abakoresha inshuti n'abavandimwe mu mishinga y'iterambere

IBIKURIKIRA URUP.13

Munyeshyaka avuga ko mu mishinga BDF itera inkungu nibura 92% byayo iba ari iy'umuntu ku giti cye, agahera aho asaba abantu kwishyira hamwe mu gukora imishinga kuko ari byo bitanga inyungu nyinshi.

Yagize ati: "Ikibazo gikunze kubamo mu mishinga ihuriweho n'abantu benshi, ni ukutumvikana, kwiba, gucunga nabi umutungo, ibyo byose ubyirinze, abantu bagahuza imbaraga bakajya mu mishinga bafite indoto byakunda. Ibibazo byavuka bikaganirwaho."

Ubuyobozi bwa BDF butangaza ko impuguke zagaragaje ko mu bantu icyo kigega cyafashije guteza imbere imishinga kuva mu 2019, nibura 72% babasha kuyikora bakarenza imyaka ibiri, mu gihe 68% baba bayandikishije mu Rwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB).



Munyeshyaka Vincent,Umuyobozi Mukuru wa BDF yakubuye abakoresha inshuti n'abavandimwe mu mishinga y'iterambere

Kuva BDF yajyaho imaze gutera inkunga imishinga isaga ibihumbi 55, aho yahanze imirimo ibihumbi 330.

Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2) yatangiye mu 2024 ikazageza mu 2029, iteganya ko hazahangwa imirimo mishya 1.250.000 hibandwa ku yibyara inyungu kandi igirira ba nyirayo akamaro.

# U Rwanda na Turkmenistan byatangije umubano mu bya dipolomasi

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Turkmenistan byashyize umukono ku itangazo rihuriweho ritangiza umubano w'ibihugu byombi mu bya Dipolomasi.***



U Rwanda na Turkmenistan byashyize umukono ku itangazo rihuriweho ritangiza umubano mu bya dipolomasi

Ni itangazo rihuriweho ryashyizweho umukono na Ambasaderi w'u Rwanda Uhoraho mu Muryango w'Abibumbye ufite icyicaro i New York Martin Ngoga, ndetse n'Ambasaderi Uhoraho wa Turkmenistan Aksoltan Ataeva.

Mbere yo gushyira umukono kuri iryo tangazo rihuriweho, ba Ambasaderi bombi babanje kuganira ku ngingo z'inyungu ibihugu byombi bihuriyeho.

Atayeva yaboneyeho umwanya wo gutumira u Rwanda ngo ruzitabire Inama ya gatatu ya Loni yiga ku bihugu bidakora ku nyanja (LLDC3) izabera muri Turkmenistan.

Ubwo ba Ambasaderi bombi basozaga ibiganiro, bashimye Guverinoma n'abaturage b'ibihugu byombi ku bw'umubano mushya watangijwe mu bya dipolomasi, basaba ko haterwa intambwe ikomeye yo kurushaho kwimakaza ubutwererane no kubaka ubufatanye bw'igihe kirekire mu nzego zitandukanye.

U Rwanda rubaye mu bihugu bikabakaba 160 byubatse umubano wa dipolomasi n'icyo gihugu cyo muri Aziya kidakora ku nyanja nk'uko na rwo rumeze.

Turkmenistan ni igihugu cya 35 mu bihugu by'Aziya bituwe cyane kuko gituwe n'abaturage basaga miliyoni 7.

Gifite amateka akomeye kuko cyigeze kuba umwe mu mijyi minini ya kera, ndetse kikaza no komekwa ku Bwami bw'u Burusiya mu mwaka wa 1881.

Turkmenistan yaje kuba igihugu cya arizwaga muri Leta Zunze Ubumwe z'Abasoviyeti (Soviet Union) mu 1925, kiba igihugu cyigenga mu 1991.

Iki gihugu ni icya kane ku Isi mu bitunze umutungo kamere wa gazi, ndetse hagati y'umwaka wa 1993 kugeza mu 2019, abaturage bahabwaga na Leta amashanyarazi, amazi na gazi ku buntu.

U Rwanda rubona inyungu nyinshi mu kurushaho kwimakaza ubutwererane n'icyo gihugu mu nzego zitandukanye, by'umwihariko mu kuba rwanabona amahirwe yo kugera kuri ubwo bubiko bwa gazi ndetse n'ibikomoka kuri Peteroli binarizwa muri icyo gihugu.

# Uko ubuzima bwo ku ishuri bwantoje kugira gahunda

UBWANDITSI

***Uko imyaka ihinduka ni ko ihindukana n'ibintu byinshi ariko ikitazigera gihinduka mu mateka ya muntu ni ubushake bwo kwiga no gushaka kumenya kubera ko abantu baba bashaka guhora baharanira kumenya ibishya no kurushao kunoza ibyo basanganywe.***

Ndi umwe mu bana b'u Rwanda bagize amahirwe yo kwiga amashuri abanza nkaba ngiye no kwinjira mu mwaka usoza icyiciro cya kabiri cy'ayisumbuye, mu bijyanye n'ikoranabuhanga rigezweho mu isakazamakuru (Multimedia).

Uko imyaka yagiye ihita, nagiye ndushaho gusobanukirwa n'uko ku ishuri umuntu atahigira gusa ubumenyi ahubwo ahigira n'uburyo bwo kubaho bushobora kumufasha no mu buzima busanzwe.

Kimwe muri ibyo nize nizera ko bizakomeza kumfasha no hanze y'ishuri, ni ukumenya gukoresha igihe cyanjye neza, kubera ko amasaha yo ku ishuri aba agabanyije mu byiciro ku buryo nta mwanya usigara mu buzima bw'umunyeshuri udafite icyo wagenewe.

Nubwo hari abanyeshuri biga bataha, ariko kwiga mba mu kigo byatumye ndushaho gusobanukirwa n'agaciro ko gukorera mu gihe gipanzwe neza ku buryo n'iyo uvuye ku murongo wigenzura ukamenya aho intege nke mu kwiga akenshi zituruka.

Ubusanzwe, abanyeshuri biga amezi icyenda muri 12 agize umwaka, muri ayo mezi bakagiramo ikiruhuko cy'amezi atatu, baruhuka mu byiciro bitandukanye kuri buri gihembwe.

Igihembwe cya mbere kiba kigizwe n'amezi ane, akenshi kikaba kiva muri Nzeri kugeza mu kwezi k'Ukuboza. Iki gihembwe abanyeshuri bagira ikiruhuko cy'ibyumweru 2. Iki kiruhuko ubusanzwe kiba kigamije kumyidagaduro y'abanyeshuri aho abanyeshuri basozana umwaka n'umuryango wabo.



Abanyeshuri hari byinshi bigira mu buzima bw'ishuri bibafasha guhindura mu mibereho isanzwe

Igihembwe cya kabiri kiba kigizwe n'amezi 3, kuva muri Mutarama kugeza Werurwe, na bwo hakaba habamo ikiruhuko cy'ibyumweru bibiri. Muri icyo kiruhuko ni ho haberamo umunsi wa Pasika ndetse hakabamo n'Icyumweru cy'Icyunamo mu kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Muri icyo kiruhuko ni ho turushaho gusobanukirwa byinshi ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, inkomoko yayo, uko yateguwe, uko yashyizwe mu bikorwa n'uko Abanyarwanda bakomeje kwiyubaka.

Igihembwe cya gatatu na cyo kigizwe n'ameziabiri ahera muri Gicurasi kugeza muri Kanama, gikurikirwa n'ibiruhuko bimara amezi abiri mu gufasha abanyeshuri kongera kumarana umwanya munini n'ababyeyi babafasha mu mirimo n'ibindi bikorwa bihuza umuryango.

Uko ibyo bihe bitegurwa kandi bikubahiriza bintera kwibaza byinshi ku musaruro ubuzima bw'umuntu bwagira na we aramutse yihaye gahunda kandiakayikurikiza uko yakabaye.

Ntibigarukira ku buryo umwaka uba uteguwe kandi wubahirizwa gusa, ahubwo n'icyumweru kiba kigabanyijwemo uko gikoreshwa ndetse n'umunsi bikaba uko.

Abanyeshuri biga iminsi 5 muri buri Cyumweru, kuva ku wa Mbere kugeza ku wa Gatanu, ubundi ku wa Gatandatu no ku Cyumwerum ikaba iminsi y'ikiruhuko, gusubiramo amasomo n'amasuku, ishobora kubonekamo amasomo n'ibindi bikorwa bidasanzwe.

Mu mirimo dukora, harimo kumesa imyenda y'ishuri, gusukura ikigo no kuruhuka muri rusange.

Ku rundi ruhande, umunsi w'umunyeshuri utangira butaracya, akaba afite amasaha azindukira bwogero, akisiga amavuta akanambara mu minota yagenwe, akajya gusubiramo amasomo mu gihe cy'isaha no gutegura gahunda y'uko amasomo aza kuba ateye.

Nyuma yo gufata ibyo kurya bya mugitondo, buri saha yose ikurikira iba ari isomo guhera saa mbiri kugeza saa yine. Uretse akaruhuko k'iminota 20 kazamo hagati, ubundi amasomo agakomeza kugeza saa sita n'iminota 15-20.

Hakurikiraho igihe cyo gufata amafunguro ya kumanywa kigeza saa saba zuzuye cyangwa saa saba n'igice.

Abanyeshuri baba bagomba gusubira mu ishuri mbere ya saa munani, na bwo bakongera kwiga amasaha ane kugeza saa kumi n'imwe, abataha hanze bagataha, ababa mu kigo bagasubira mu macumbi yabo bakaruhuka kugeza saa kumi n'ebyiri.

Muri uwo mugoroba tujya gusubira mu masomo (etude), mu gihe cy'amasaha abiri n'igice mbrere yo kujya gufata amafunguro, ariko hari n'aho babanza gufata amafunguro bakabona gusubiramo amasomo.

Saa tatu n'igice, ni amasaha yo kujya mu macumbi bakaryama kugeza saa kumi n'imwe za mugitondo ari na bwo undi munsi uba utangiye.

**Tugira ababyeyi basimbura abo twasize imuhira**

Ikindi gikomeye nigiye ku ishuri, ni uko nta muryango ushobora kubaho neza utagira ubuyobozi, kuko iyo tutubahirije gahunda tugira abaduhwitura biyongeraho n'ababyeyi bakora inshingano z'abo twasize imuhira.

Ku ishuri abanyeshuri bagira ababyeyi, babafasha mu mibereho yabo ya buri munsi, twita 'Metron' ushinzwe abanyeshuri n'abakobwa na 'Petron' ushinzwe abanyeshuri b'abahungu.

Aba babyeyi babafasha mu mibereho yabo ya buri munsi harimo kubabyutsa, ndetse no kubafasha mu bibazo bitandukanye. Hagati aho, abanyeshuri bagira amacumbi atandukanye.

Abakobwa bagira amacumbi ukwabo ari byo twita [dormitory] ndetse n'abahungu bakagira amacumbi ayabo. Twese tugira imyidagaduro itandukanye harimo umupira w'amaguru (football), Handball, Basketball, ndetse n'indi mikino itandukanye.

Andi masomo aremereye nakuye ku ishuri atandukanye n'uburezi busanzwe ni ayo kubana n'abantu bafite imyumvire, imibereh n'imico itandukanye kandi mwese mugahurira mu mibereho imwe n'amabwiriza ngengamyitwarire bias kuri bose.

Nubwo hanze birashoboka ko twakomeza kubaho mu buryo busa, ariko kwisanisha n'ubuzima muntu arimo nta cyiciro cy'ubuzima bidakoramo.

***Iyi nkuru yanditswe na Cishahayo Asna, Umunyeshuri ugiye kwinjira mu mwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye.***







Mu Rwanda haboneka amoko asaga 20 y'ubuki bw'umwimerere

# Abavumvu bo mu Rwanda bagiye kubona isoko ry'ubuki mu Bushinwa

*KAMALIZA Agnes*

***UBushinwa bwatangaje ko bwiteguye guha isoko ubuki bw'u Rwanda bakajya bwoherezwa muri icyo gihugu ndetse abavumvu b'Abashinwa bakanasangira ubumenyi n'ab'u Rwanda ku itunganywa ry'ubuki n'ubworozi bw'inzuki.***

Ibyo babitangajwe mu gihe kuva ku wa 08 kugeza ku wa 21 Nyakanga 2025, bamwe mu bakozi b'Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) n'abandi bafite aho bahuriye n'inzuki bari mu mahugurwa mu Bushinwa agenewe u Rwanda, yiga ku bworozi bw'inzuki n'ikoranabuhanga mu gutunganya ubuki.

Mu Rwanda, gutunganya ubuki no kubwongerera umusaruro bikomeje kureberwa uburyo bitera imbere mu rwego rwo kubwongerera ubwinshi n'ubwiza.

Gusa haracyari imbogamizi zijyanye n'ubworozi bw'inzuki bukorwa mu buryo gakondo ariko hakomeje gushakwa uburyo zororwa bya kijyambere hubakwa ubufanye mu rwego rwo kuzamura urwo rwego.

Imibare y'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubuhinzi (RAB) igaragaza ko kugeza muri Kanama 2024 umusaruro w'ubuki wageze kuri toni 7000, ariko iyo mibare ikaba iri hasi ugereranyije n'intego u Rwanda rwari rwihaye.

Umusaruro wageze ku kigero cya 80% ugereranyije n'intego ya toni 8,611 z'ubuki u Rwanda rwari rwariyemeje kugeraho bitarenze muri Nyakanga 2024, nk'uko Gahunda y'Igihugu ya kane yo kuvugurura ubuhinzi, (PSTA 4) yabigaragaje.

RAB igaragaza ko umusaruro wagombaga kuva kuri toni 5,535 wariho mu 2017 ukagera kuri toni 8,611 mu 2024 ariko byaje gukomwa mu nkokora n'ibibazo by'imiti iterwa mu bimera, indwara zitandukanye zibasira inzuki, abavumvu badafite ubumenyi buhagije, gutema amashyamba n'ibindi.

Mu zindi mbogamizi urwo rwego rufite harimo kutabona amasoko, igiciro gito abavumvu bahabwa, no kuba butaragera ku rwego rushimishije mu bwiza no mu bwinshi.

Inzuki zifatiye runini ibidukikije kuko uretse kuba zitanga ubuki, zigira uruhare mu buhinzi kuko zifasha mu gusakaza imisemburo hagati y'ibimera bigatuma imbuto n'imboga zera neza umusaruro ukiyongera.



Ubuki bwo mu Rwanda bukomeje kubona isoko ryagutse

# Agakiriro ka Gisozi kagiye kwimurirwa mu cyanya cy'inganda i Masoro

ZIGAMA Theoneste

***Umujyi wa Kigali watangaje ko ugiye kwimurira ibikorwa by'ububaji n'ibindi bigo byari bisanzwe bikorera mu Gakiriro ka Gisozi, mu cyanya cyahariwe inganda i Masoro (Special Economic Zone).***

Ni gahunda igamije kubungabunga umutekano wabyo ndetse no kwirinda inkongi za hato na hato zikunze kwibasira ako gakiriro.

Iyi gahunda ije hashize amezi abiri gusa habaye inkongi ikomeye yibasiye amaduka akora ibijyanye n'imbaho yabaye ku wa 30 Gicurasi, ikongera kuzamura impungenge ku bijyanye n'umutekano w'aho bakorera.

Umuvugizi w'Umujyi wa Kigali Emma Claudine Ntirenganya, yabwiye itangazamakuru ko ari gahunda ngari igamije kongera umutekano no kunoza aho abakora ibikorwa by' ububaji n'abakora ibikoresho byo mu nzu bakorera.

Yavuze ko ububiko bw'ibikoresho, buri aho ashobora kwibasirwa n'inkongi y'umurira na bwo buzimurwa n'ahandi hazakorerwa ubugenzuzi.

Ntirenganya yagize ati: "Ku Gisozi hazasigara gusa amaduka agaragaza ibikoresho byamaze kurangira (showrooms), bijyanye n'ibisabwa mu icukumbura no kurengera umutekano."

Yongeyeho ko igihe ntarengwa cyo kwimura aba bacuruzi kitaramenyekana, kuko gahunda yo kubimura ikiri gukorwaho.

Umujyi wa Kigali uri gukorana n'inzego bireba mu gusuzuma aho ibikorwa biri, gushaka ahandi habereye kwimurirwa ibi bigo, no kwemeza ko byose bikorwa mu buryo bwimbitse kandi buteguye neza. Uwo mujyi watangaje ko amakuru ku bijyanye n'igihe nyacyo azatangazwa mu gihe kiri imbere.

**Hari gukorwa isuzumwa no ku tundi dukiriro**

Ntirenganya yavuze ko Umujyi wa Kigali uri no gusuzuma umutekano n'ahandi hose hakorerwa ububaji mu Mujyi.

Ati: "Igenzura risanzwe rirakorwa mu bubaji no mu masoko kugira ngo hirindwe ibikorwa bishobora guteza ibyago."

Ibi birimo kwirinda kubaka ibikorwaremezo by'agateganyo bitemewe, gukumira inzitizi mu mihanda n'inzira z'abanyamaguru, ndetse no kwemeza ko ibikoresho by'amashanyarazi n'ibindi bikorwa remezo bibungabunzwe kandi byubahiriza amategeko.

Nyuma y'inkongi yo ku wa 30 Gicurasi, Umujyi wa Kigali wafashe ingamba zirimo gukuraho inyubako zitemewe nk'utuzu n'ububiko bwubatse mu bice rusange, kongera ubugenzuzi kugira ngo ahagenewe imihanda habungabungwe, no gukomeza ubukangurambaga ku bijyanye n'ubwirinzi bw'inkongi, imikoreshereze iboneye y'ahantu hahurira abantu benshi n'itegeko rigenga umutekano mu mijyi.

Yashimangiye ko Umujyi wa Kigali wiyemeje gukomeza gufasha abakora ububaji, abakozi n'abacuruzi gukora mu buryo butekanye kandi bwateguwe neza.



Ibikorwa by'ububaji n'ibindi bigo byari bisanzwe bikorera mu Gakiriro ka Gisozi, bizimurirwa mu cyanya cyahariwe inganda i Masoro



Gushyiramo kaburimbo bigeze ku kigero cya 70%

# Kaburimbo ihuza Umujyi wa Karongi n'inkambi ya Kiziba igeze kuri 70%

NYIRANEZA Judith

***Umuhanda uhuza Umujyi wa Karongi n'inkambi ya Kiziba icumbikiye impunzi z'Abanyekongo, ugeze ku kigero cya 70% ushyirwamo kaburimbo.***

Uwo muhanda urimo ibice bibiri, icya mbere cyahereye mu mujyi wa Karongi kigera mu nkambi ya Kiziba, ufite kilometero 14.5 watangiye kubakwa mu mpera z'umwaka ushize. Uburebure bwagaragajwe n'inyigo y'umuhanda kuva Karongi-Kiziba- Gisovu- Uwisumo ni kilometero 49,7.

Uyu muhanda uje ari igisubizo ku baturage batuye mu Murenge wa Rwankuba ndetse n'abatuye Kiziba kuko uzabafasha kongera ubuhahirane hagati y'impande zombi.

Abandi bagorwaga n'umuhanda uturuka mu mujyi wa Karongi werekeza Kiziba ntiwari umeze neza, harimo n'imiryango itari iya Leta ikorera mu nkambi ya Kiziba mu bikorwa byo kwita ku mpunzi zisaga 15 000, hagendewe kuri raporo y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku mpunzi (UNHCR), yagezaga muri Kamena 2023.

Ubusanzwe muri uyu muhanda, kaburimbo yagarukiraga hafi y'ishuri rya IPRC Karongi, ariko ubu urahera mu mujyi wa Karongi.

Biteganyijwe ko uyu muhanda uzuzura mu kwezi k'Ukwakira uyu mwaka.



Uyu muhanda wa kaburimbo uzoroshya ingendo

# U Rwanda rwiteze Laboratwari ya miliyari 7 Frw ipima amabuye y'agaciro

ZIGAMA Theoneste

***Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Mine, Peteroli na Gaze (RMB) bwatangaje ko u Rwanda rugiye kwiyuzuriza Laboratwari y'ubumenyi bwo mu nda y'Isi (geoscience laboratory) igenewe gupima ubwiza n'imiterere y'amabuye y'agaciro mbere yo koherezwa mu mahanga no ku bindi bikorwa.***

Biteganyijwe ko izatangira gukora byuzuye mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2026/2027.

RMB ivuga ko iyo laboratwari izatanga serivisi z'ingenzi ku nganda zicukura amabuye y'agaciro, zirimo isesengura ryimbitse ry'ubwoko n'ingano y'amabuye, bikazafasha mu ifatwa ry'imyanzuro ku ishoramari, ubucukuzi ndetse n'imisoro.

Ni igikorwa remezo kandi cyitezweho gutanga ibisubizo ku bijyanye n'ubushakashatsi kuri ayo mabuye, icyemezo cyo kohereza amabuye mu mahanga no kubungabunga ibidukikije.

RMB yatangaje ko iyi laboratwari iri kubakwa i Nyarugunga mu Karere ka Kicukiro, aho ibikorwa byo kuyubaka bizatwara ingengo y'imari y'agaciro ka miliyari 7.2 z'amafaranga y'u Rwanda.

Ni mu gihe miliyari 3.8 zamaze gushorwa kuva ibikorwa byo kuyubaka byatangira mu 2019, hakaba hateganyijwe izindi miliyari 3.4 ngo yuzure neza.

Mu kiganiro n'abagize Komisiyo y'Abadepite ishinzwe kugenzura imikoreshereze y'umutungo wa Leta (PAC) tariki 15 Nyakanga, Umuyobozi Wungirije wa RMB Alice Uwase, yemeye ko kutaboneka kw'amafaranga ahagije kwatumye imirimo yo kuyubaka igenda buhoro.

Aha yashimangiraga ibyagaragajwe muri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023/2024.

Yavuze ko kandi Leta yashyize amafaranga ahagije muri gahunda y'ingengo y'imari y'uyu mwaka kugira ngo ikibazo cy'amikoro gikemuke.

Uwase yavuze ko nubwo ibikoresho byose byifashishwa mu gusesengura byamaze kugera kuri laboratwari bigatuma ishobora gupima ingero nyinshi z'amabuye y'agaciro, imbogamizi yasigaye ari ibikoresho by'imashini bifasha mu gusya amabuye bikaba bitaraboneka.

Icyakora Uwase yavuze ko RMB yabonye kompanyi hanze y'igihugu , bityo igisigaye ari ukubyinjiza mu gihugu.

Yagize at: "Mu ngengo y'imari y'uyu mwaka yatangiye tariki ya 1 Nyakanga, hashyizweho miliyari 3 z'amafaranga y'u Rwanda zigenewe kugura ibindi bikoresho bisigaye."

Uwase yavuze ko nibimara kugera mu Rwanda bizashyirwa ahabigenewe, bigakoreshwa ku buryo laboratwari izatangira gukora neza, aho gutangira kubishyira ahabigenewe biteganyijwe muri Mata 2026, naho ibikorwa nyirizina bikaba byatangira muri uwo mwaka w'ingengo y'imari wa 2026/2027.

Yongeyeho ko RMB yihaye intego y'uko laboratwari izaba yatangiye kwinjiza inyungu mu gihe cy'imyaka ibiri iri imbere.

Yagize ati: "Iya miliyari 3 izifashishwa mu gutuma laboratwari ikora neza, ikaba ingeri nyinshi z'amabuye, bityo ikinjiza amafaranga. Kuva ubwo, ibindi bikorwa byo kuyagura bizajya bikorwa hakoreshejwe amafaranga izajya yinjiza aho gukomeza kugenerwa ingengo y'imari ya Leta,"



U Rwanda rugiye kwiyuzuriza Laboratwari y'ubumenyi bwo mu nda y'Isi





# Musanze: Abagana isoko ry'ibiribwa rya Musanze bishimira ko imiferege yahoo yasanwe

NGABOYABAHIZI Protais

***Abagana isoko ry'ibiribwa rya Musanze, bavuga ko bari bamaze igihe cy'amezi 6 babura uko binjira mu buryo bworoshye muri iri soko ndetse na parikingi ikaba yari ikibazo, kuri ubu barishimira ko ubuyobozi bw'Akarere bwasannye iyo miferege.***

Abo baturage bavuga ko sima yari yubatse imiferege yari yaramenaguritse ibyuma byari bishinyitse ku buryo abinjiraga mu isoko bahuraga n'akaga ko gukandagira mu mazi y'ibiziba no kujombwa n'ibyo byuma bya ferabeto byari bishinyitse, bamwe ndetse bavuga ko byababakomerekeje.

Umwe babyeyi bahahira imbuto n'ibiribwa muri iri soko, Mahirwe Speciose avuga ko yishimiye impinduka zahabaye rigole zigasanwa.

Yagize ati: *"Iyo imvura yagwaga ntabwo wajyaga mu isoko. Amazi yuzuraga mu muhanda, imiferege ifunze, amazi agasohoka ku mihanda yose. Byadusabaga kwinjiramo twitwaje inkweto za boti cyangwa se tukazivanamo tukongera koga ibirenge nyuma yo guhaha ubu noneho urabona ko ibintu bimeze neza, ibinyabiziga bibona aho biparika hatuje na twe tukaba turimo kwambuka neza, turashima."*

Bamwe mu batwara ibinyabiziga bazanye ibicuruzwa n'abo bashimangira ko cyari ikibazo gikomeye, ariko nyuma y'aho itangazamakuru riganiriye n'ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze, igisubizo kirambye cyahise kiboneka nk'uko Ramadhan Mukama utwara imizigo n'imodoka abivuga.

Yagize ati: *"Twaburaga aho dupakururira. Hari ibyondo cyangwa huzuye amazi. Byatumaga dushora imodoka ahatemewe, rimwe na rimwe tukagonganira imbere y'isoko.*



Isoko ry'ibiribwa rya Musanze, imiferege barayisannye, parikingi iraboneka

*Ubu noneho ligore zarasanywe ku buryo ari abanzi, abacuruzi ndetse natwe dufite ibinyabiziga nta kibazo, ariko bamwe ibyuma byari byarabamaze bakomereka abandi bavunikira mu miferege".*

Mu gushaka ibisubizo birambye, ubuyobozi bw'Akarere ka Musanze **bwasannye imiferege, bukuraho ibyuma byakomeretsaga abaturage ku mihanda,** ndetse hanakorwa **ubusitani n'ahantu hateguriwe imodoka na moto** kugira ngo abantu babe bafite aho biparika batabangamiye abagenzi cyangwa abacuruzi.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Nsengimana Claudien, yavuze ko iki gikorwa kigamije **gutuma ibikorwa by'ubucuruzi n'itembera biba mu mutekano n'isuku.**

*Yagize ati: "Tugomba gutuma abagana isoko babasha kugerayo neza, batabangamiwe n'amazi, ibyuma bishaje cyangwa isoko ritagira aho guparika. Ibyakozwe bigamije kurengera abahakorera n'abahatemberera."*

*Isoko ry'ibiribwa rya Musanze ririmo ibisima 5 000, byose bicururizwaho ibiribwa byiganjemo imbuto n'imboga.*

# Gakenke: Coko hari umucunda utegura kuzirihira kaminuza abikesha uwo mwuga

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu rubyiruko barangije amashuri yisumbuye bavuga ko nta mirimo ihari ahandi bagakerensa imwe mu mirimo bavuga ko igayitse ntabwo kuri Bikorimana Emmanuel we ariko yabibonye kuko yahisemo akazi k'ubucunda none ubu akaba yinjiza agera ku bihumbi 140 mu kwezi, afite intego yo kuzirihira kaminuza.***

Bikorimana Emmanuel w'imyaka 23, wo mu Murenge wa Coko, Akagari ka Kiruku, avuga ko nyuma yo kurangiza amashuri yisumbuye yatangiye abumba amatafari, ajya no mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, arizigama.

Nyuma yaguze igare kuri ubu akoresha mu bucunda bw'amata, mu gihe cy'imyaka 2 akora kazi yinjiza amafaranga y'u Rwanda ibihumbi 140, hakiyongeraho akomora ku mukamo kuko yamaze kwigurira inka ya kijyambere.

Yagize ati: "Narangije amashuri yisumbuye sinabasha guhita nkomeza kaminuza, nahise nshaka icyo nakora. Nari nsanzwe nkunda amatungo, ni uko nsaba akazi ko kuba umucunda ku ikusanyirizo ry'amata hano Musasa."

Yongeyeho ati: "Ubu maze imyaka ibiri nkora, amafaranga mpembwa ni make ariko yatumye nizigamira, ngura inka yabyaye, none nkura ibihumbi 60 ku kwezi mu musaruro w'amata, hiyongereyeho ibihumbi 80 nkura ku nka yanjye."

Bikorimana kuri we ngo



Isoko ry'ibiribwa rya Musanze, imiferege barayisannye, parikingi iraboneka

ashingiye ku nyungu abona ndetse n'ubwizigame afite kugeza ubu aho avuga ko atabura amafaranga asaga ibihumbi 500, ngo arateganya kuzirihirira kaminuza akiga ibijyanye no kwita ku matungo.

Yagize ati: "Iyo urebye uko ubuzima bumeze mu cyaro, hari amahirwe menshi. Iyo umuntu abashije kwihangana, akihangira umurimo, yahindura ubuzima. Nifuza gukomeza kaminuza nishoboye, nkiga ibijyanye n'ubworozi, kuko mbona bizashoboka nshingiye ko nizigama nkajya no mu bimina n'andi matsinda ano ayuranye."

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, avuga ko ibikorwa byo kubaka no gutunganya amakusanyirizo y'amata biri mu byahaye urubyiruko amahirwe yo kubona imirimo itandukanye, harimo gutwara amata ku igare (ubucunda), isuku n'imicungire y'inyubako.

Yagize ati: "Ibikorwa by'ikusanyirizo ni igisubizo ku borozi ariko by'umwihariko byatanze akazi ku rubyiruko. Uyu musore ni urugero rwiza rw'uko gukoresha neza amahirwe ari imbere yawe bitanga umusaruro. Dufite abandi bakora mu bijyanye no gutwara amata, kuyapima, kwandika imibyizi, byose ni amahirwe adasaba akazi ka Leta."

Muri rusange urubyiruko rwo mu Murenge wa Coko, ahubatse ikusanyirizo rya Musasa, bavuga ko ryatumye bihangira imirimo, kandi bituma bamenya kwizigamira ndetse no gukorana na banki, kuko ngo ayo bakoreraga nka nyakabyizi, byatumaga bataha bayamaze ntibizigame.



Inka zatangiye gukingirwa igipfuruto n'uburenge

## Nyagatare: Aborozi bishimira ko inka zabo zatangiye gukingirwa igipfuruto n'uburenge

**HITIMANA Servand**

***Aborozi mu Karere ka Nyagatare barishimira ko hatangijwe gahunda yo gukingira inka urukingo ruzirinda indwara y'ipfuruto n'uburenge, aho bifasha mu gukumira izi ndwara zijya zikoma mu nkokora ubworozi bwabo.***

Aborozi babitangaza nyuma yuko ubuyobozi bw'Akarere butangije igikorwa cyo gukingira amatungo yabo, igikorwa cyatangirijwe mu Murenge wa Karangazi.

Bahamya ko iyi gahunda yari ikenewe ndetse bayitezeho umusaruro kuko ije mu gihe izi ndwara zikunze kwibasira amatungo.

Rwamugure Stephen agira ati: "Ku borozi, uru rukingo ni igisubizo gikomeye mu mezi nk'aya y'izuba inka zacu ni bwo zibasirwa ku buryo bukomeye aho wasangaga hari izipfa umworozi agahomba. Ni mu gihe twafashe ingamba zo korora bya kinyamwuga, aho dushima çyane iyi gahunda yo kurinda inka zacu indwara, bikazadufasha kugera ku bworozi twifuza.

Uretse guhombywa no kuba hari inka zakwicwa n'uburenge n'igifuruto, abo borozi bavuga ko iyo izi ndwara zaje zigira ingaruka ku bukungu bwaho barwaje amatungo.

Karake Deny agira ati: "Gukingira izi ndwara mu matungo yacu bizadufasha gusigasira ubukungu bwacu. Iyo uburenge bwateye bwica inka ariko aho bugeze hashyirwa mu kato, ibi rero bituma ntawugurisha kuko amasoko arafungwa uwishyurira umwana akabura amafaranga, […] Bigira ingaruka ku batuye ahibasiwe n'ibi byorezo, turashima ubuyobozi buzirikana umuturage bukadushyiriraho gahunda nk'iyi yo gukingira amatungo."

Umuyobozi w'Akarere la Nyagatare wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Matsiko Gonzague yavuze ko iyi gahunda izakorerwa mu Mirenge ndetse asaba aborozi kubahiriza iyi gahunda kugira ngo izatange umusaruro wifuzwa.

Ati: "Mu Mirenge yacu yose hakorerwa ubworozi ni yo mpamvu dusaba buri mworozi kwitabira gukingiza kuko amatungo ni aye kandi ni we ubifitemo inyungu mbere na mbere. Turashaka gukingira inka zacu kugira ngo iki gihe cy'icyanda tugitambuke amatungo yacu atibasiwe na ziriya ndwara."

Imirenge 8 muri 14 igize Akarere Ka Nyagatare ni yo yiganjemo ubworozi bukorerwa mu nzuri, akaba ariho hagiye hahereweho mu gukingira, ariko n'indi Mirenge nayo igiye ifite aborozi n'abo bazafashwa kugezwaho inkingo.

Akarere ka Nyagatare kabarurwamo inka zigera ku bihumbi 228.

# Musanze: Inzoga y'inkorano 'Rukwirumwe' intandaro y'amakimbirane

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bamwe mu baturage batuye muri santere y'ubucuruzi ya Gasyata, iherereye mu Murenge wa Rwaza mu Karere ka Musanze, bavuga ko babangamiwe n'inzoga z'inkorano zirimo izitwa Rukwirumwe na Nzogejo, aho bakomeje kugaragaza impungenge ku ngaruka zazo zirimo amakimbirane yo mu miryango no guhungabanya umutekano rusange.***

Aba baturage bavuga ko izi nzoga, zengwa mu buryo budakurikije amabwiriza y'ubuziranenge, zituma abazinyoye bitwara nabi, bamwe bakaba banabigenderamo, kuko ngo hari n'abamara gusinda bakagwa muri ligore, abandi bakavanizamo gupfa.

Umuturage umwe utuye muri Gasyata, wahawe izina rya Mukamwiza, avuga ko Rukwirumwe yengwa mu masaka, umusururu, bakawuvangamo pakimaya n'ifu y'ibigori, igakoreshwa hashize amasaha make nyuma yo kwengwa.

Yagize ati: "Iyo usomye igikombe kimwe gusa, uba wumva ishyushye cyane, igahita irengera mu mutwe. Abagore bamwe iyo bamaze kuyinywa batangira kuvugishwa kugeza ubwo baryama ku mihanda, abandi bakarara bagenda mu isibo bavuga amagambo menshi baganuza buri wese. Ni inzoga izahaza abataramenyereye kunywa vuba cyane."

Naho Mbanzabugabo Eric (izina yahawe), nawe utuye muri ako gace, avuga ko iyo abagabo bayinyoye, bataha basinze bagateza umutekano muke mu ngo zabo:

Ati: ""Iyo bamwe mu bagabo bamaze guhaga Rukwirumwe cyangwa Nzogejo, barwana n'abagore abana bakabaraza mu mihana kuko bahita bihungira. Hari n'abo numva bavuga ko bazivangamo urumogi, abandi bakanywa iyo bita Nzogejo bavuga ko ari urwagwa, uwanyoye urwo ruvangitirane rero aba yabaye nk'uwasaze."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rwaza, Nkurunziza Faustin, yemeza ko iki kibazo cyamaze kumenyekana, ndetse ko ubuyobozi bwatangiye gufatira ingamba abakora izi nzoga.

Yagize ati: Twarabimenye ko izo nzoga z'inkorano zibayo muri Santere ya Gasyata; kandi ko ziteza umutekano muke. Twigeze kujyayo turazimena. Niba hari abongeye gusubira muri izo ngeso mbi, tugiye gusubirayo tuganirize abo bose badashaka kuvuga ku izima ngo bazibukire ibyo bikorwa, kandi bamenye ko amategeko ahari."

Ikindi ngo ni uko Rukwirumwe babanza guteka igikoma, nyuma bakagicanira nyuma bakongeramo ifu y'amamera n'ibindi harimo za pakimaya, ibigori, n'ibindi.

Nk'uko biteganywa n'Ingingo ya 263 y'Itegeko No 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018, riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, umuntu wese ukora, ucuruza, utunda cyangwa unywa ibiyobyabwenge bitemewe n'amategeko harimo n'inzoga z'inkorano, ahanishwa igifungo kuva ku mezi 6 kugeza ku myaka 5, ndetse n'amande ashobora kugera kuri miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (3,000,000 Frw) bitewe n'uburemere bw'icyaha.



Inzoga bita 'Rukwirumwe' iba yatukuye bitewe n'ibiyikoze







Buzinganjwiri hafatwaga nk'igice cyo ku ishyamba abantu baho bazamuwe n'imiyoborere myiza

# Gakenke: Amashanyarazi yazanye impinduka mu gace k'icyaro ka Buzinganjwiri

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu gace ka Buzinganjwiri ko mu murenge wa Coko, Akagari ka Nyange, Akarere ka Gakenke, abaturage barishimira impinduka zigaragara bagezeho babikesha imiyoborere myiza yabagejejeho amashanyarazi nyuma y'imyaka myinshi bari barasigaye inyuma. Ubu bafite ibikorwaremezo nk'amazi meza, amashuri, amavuriro n'amashanyarazi bitigeze biboneka mu mateka yabo ya vuba.***

Abatuye muri aka gace kari kazwi nk'icyaro gikennye cyane, abaturage baho bavuga ko igihe cyose batagiraga umuriro w'amashanyarazi babayeho mu buzima bugoye cyane, bwiganjemo gukoresha udutadowa n'ibindi bitaramba mu kumurika, abana badasubira mu masomo atandukanye nijoro bikagorana, ndetse no gukurikirana amakuru ntibyari bishoboka,ku buryo ngo bahitaga mu rutumva FM.

Ndacyayisenga Everyne ni umwe mu baturage bo muri aka gace kazwi cyane Buzinganjwiri avuga ko bari abatura babagaho nk'abatazwi n'ubuyobozi , ku buryo serivise nyinshi kuzigeraho ngo byabagoraga bakaba baramaze imyaka myinshi mu icuraburindi

Yagize ati:"Twabaye igihe kirekire nta muriro w'amashanyarazi muri aka gace , abana bigaga nabi kuko nijoro haburaga amatara, umuriro w'itadowa warobotsaga cyangwa se ukabatera ibicurane kubera imyotsi, nta televiziyo, nta radio, mbese nta makuru twamenyaga. Ubu kuva twabonye amashanyarazi, ubuzima bwacu bwarahindutse. Dufite insinga mu nzu, abana biga neza, hari n'abatangiye imishinga y'ubucuruzi nko kogosha no gutunganya imisatsi, abandi barasudira."

Habiyambere Jean Bosco, Akagari Ka Nyange avuga ko ku myaka ye 70 avutse, aribwo abonye urusinga rw'amashanyarazi mu gace kazwi nka Buzinganjwiri,kandi yemeza ko amashanyarazi yazanye impinduka ku bikorwa byo kwihangira imirimo n'imibereho myiza cyane ko kuri we ngo yakuze bacana ibishishimuzo, umuturage ujijutse muri ako gace ni we wacanaga peteroli

Yagize ati : "Njyewe ku myaka yanjye n'abonaga amashanyarazi mu biromtero nijoro za Kigali iyo, ntabwo nari nzi mo nzasaza ngize amashanyarazi mu nzu yanjye, ariko kuri bantu batangiye kudoda, gusudira, kudefiriza imisatsi.Ubu abari bajyaga Coko cyangwa mu mujyi wa Gakenke gushaka serivisi zimwe na zimwe batangiye kuzigirira hano hafi, iri ni iterambere rwose dushimira imiyoborere myiza."

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke, Mukandayisenga Vestine, avuga ko kugeza amashanyarazi ku baturage bo mu gice nk'icyo cyari cyaribagiranye ari intambwe ikomeye mu iterambere rirambye akarere kiyemeje.

Yagize ati:"Twishimiye ko muri ako gace kazwi mu mateka y'u Rwanda nka Buzinganjwiri ubu gafite amashanyarazi, amazi meza, amashuri n'ibigo nderabuzima. Byose ni umusaruro w'imiyoborere myiza. Dusaba abaturage kudatakaza aya mahirwe, ahubwo bakayabyaza umusaruro binyuze mu kwihangira imirimo, gukoresha umuriro neza, no kuwitaho kugira ngo udasubira inyuma."

Akomeza asaba abaturage kurushaho kwibumbira mu makoperative no gushora mu mishinga iciriritse ibafasha kwiteza imbere, binyuze mu bikorwaremezo bagenda bagezwaho nk'ariya mashanyarazi n'ibindi.

Imibare y'ikigo cy'igihugu cy'ibarurishamibare ivuga ko **99.3%** by'abaturage ba Gakenke bamaze kubona amashanyarazi, hakaba hibandwa cyane mu bice bifatwa nk'icyaro .

Ku rwego rw'igihugu, kugeza mu kwezi kwa Gashyantare 2025, amashanyarazi yari amaze kugera kuri **82.2%** by'ingo zo mu Rwanda yose harimo 57.4% ku miyoboro migari na 24.8% ku miyoboro y'inyongera nk'imirasire.

Intego ya Leta yo kugeza amashanyarazi kuri 100% y'abaturage mbere ya 2024 ntiyashobotse neza, ariko imbaraga ziracyakomeje, hakaba hari intego ikomeye yo kugeza abaturage bose ku muriro utunganijwe no ku rugero rwa 100% mu mwaka wa 20230.

## Rubavu: 2 bibaga insinga z'amashanyarazi n'uwazibaguriraga batawe muri yombi

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Uwimana Delphin na Irakoze Gentil bombi bafite imyaka 16 bafashwe bakata insinga z'amashanyarazi mu Murenge wa Nyamyumba mu Karere ka Rubavu hanafatwa Niyongira Samuel w'imyaka 25 wazibaguriraga. Uko ari 3 bafungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Gisenyi mu Karere ka Rubavu.***

Umuturage wo mu Mudugudu wa Bugasha, Akagari ka Rubona, Umurenge wa Nyamyumba bafatiwemo, yatangarije Imvaho Nshya ko bari bamaranye iminsi ikibazo cyo kubura amashanyarazi, bakurikirana bagasanga insinga zo kuri transfo zabo zaciwe zibwe, bakayoberwa abaziba bakabasiga mu kizima.

Yagize ati: "Nk'ijoro rishyira uwa 16 Nyakanga, abaturage benshi b'uyu Mudugudu baraye mu kizima kubera abo basore bari baciye insinga zituma umuriro utugeraho ziri kuri transfo imwe iri muri uyu Mudugudu wacu."

Yakomeje ati: "Turashimira cyane Polisi yacu n'izindi nzego z'umutekano, kimwe n'irondo kuko bafashwe bakata insinga zo kuri transfo iri muri uyu Mudugudu wacu, umwe irondo rimugwa gitumo, undi aracika, afatirwa mu rugo iwabo n'ibikoresho yakoreshaga abifite, ku makuru yari yatanzwe na mugenzi we."

Avuga ko mu ijoro ryo ku wa 14 rishyira uwa 15 Nyakanga na bwo irondo ryabatesheje bagiye guca insinga zo kuri transfo yo mu Mudugudu wa Bugasha, bajya guca izo mu Mudugudu wa Burima.

KOMEZA KU RUP. 22

## Rubavu: 2 bibaga insinga z’amashanyarazi n’uwazibaguriraga batawe muri yombi

IBIKURIKIRA URUP.21

Undi muturage ati: “Uyu musore wafatiwe mu cyuho yatubwiye ko izi nsinga bazikata mu butaka aho zinjirira muri za transfos bakazigurisha umugabo ugura ibyuma bishaje witwa Niyongira Samuel, akabaha amafaranga 2 000 kuri metero 1.

Umunyerondo wo mu Mudugudu wa Bugasha, yabwiye Imvaho Nshya ko ku bufatanye n’inzego z’umutekano, hamaze gufatirwa mu cyuho umwe muri bariya basore, mu ijoro ryo ku wa 15, rishyira uwa 16 Nyakanga.

Kuva saa mbiri z’ijoro kugeza saa cyenda na 50 z’igicuku, bakomeje gushakisha uriya musore wacitse, ni bwo yafatanywe n’ibikoresho bye iwabo.

Ati: “Ni we waduhaye amakuru neza y’ubibagurira, Niyongira Samuel, ku bufatanye n’inzego z’umutekano tumufatira mu Mudugudu wa Butotori, Akagari ka Rubona aho acururiza ibyuma bishaje.

Tugiye kureba mu nzu abicururizamo dusangamo n’ibindi byibwe birimo amarobine 5, ubwoko butandukanye bw’insinga z’amashanyarazi n’ibindi, bose barafatwa.”

Abaturage bavuga ko ifatwa ryabo bajura ari ingenzi cyane kuko ingeso yo kwangiza ibikorwa remezo itakwihanganirwa. Abasore nk’aba bagombye gukora bakiteza imbere. Bashima inzego z’ubuyobozi n’iz’umutekano zabahagurukiye.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w’Umurenge wa Nyamyumba, Ufitabe Jean d’Amour, yabwiye Imvaho Nshya ko bafatiwe mu Midugudu inyuranye y’Akagari ka Rubona, hamaze iminsi havugwa ikibazo cy’iyangizwa ry’insinga z’amashanyarazi n’ibindi bikorwa remezo.

Ati: “Bafashwe, bafungiye kuri sitasiyo ya RIB ya Gisenyi, nyuma yo kugaragarwaho no kwangiza ibikorwa remezo, aho bacaga insinga z’amashanyarazi kuri transfos, bakajya kuzigurisha. Uwazibaguriraga bamutubwiye arafatwa.”

Yashimiye inzego zose zahagurukiye rimwe zigafata abo bagizi ba nabi bari bamaze iminsi bashyira mu kizima ibice byinshi by’uyu Murenge kubera kwiba izi nsinga z’amashanyarazi.

Yagaye uwazibaguriraga, anashimira REG yahitaga ibatabara izo nsinga zibwe ikihutira gushyiramo izindi, igihe abakora ubwo bugizi bwa nabi bari bagishakishwa.

Yasabye buri wese kuba ijisho ry’ibikorwa remezo kuko ari ibyabo bose.

Ati: “Batangire amakuru ku gihe babonye hari igikorwa remezo cyangiritse, abo bakekaho kubyangiza bagaragazwe bafatwe babiryozwe.”

Yavuze ko ubuyobozi bw’Umurenge wa Nyamyumba n’inzego zindi zihakorera zirimo iz’umutekano bafashe ingamba zo kongera imbaraga mu bukangurambaga, akangurira urubyiruko ko icyiza ari ugukora ibiruteza imbere.

Avuga ko umusore wafashwe yari yamaze gukata insinga zo hasi mu butaka agiye kurira ngo anakate izo hejuru, byatumye abaturage bucya badacanye.



**Abibaga insinga n'uwazibaguriraga batawe muri yombi**

# Burera: Ubuke bw’ibitanda butuma hari ababyeyi bahitamo kubyarira mu ngo

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Bamwe mu babyeyi bo mu Murenge wa Cyanika, Akarere ka Burera, bivuriza ku ivuriro ry’ibanze rya Kamanyana bavuga ko kubera ubuke bw’ibitanda ababyeyi babyariraho, byatumye bamwe bahitamo kubyarira mu ngo kuko ngo iyo bahageze ari benshi bamwe babura ao kubyarira.***

Iryo vuriro kugeza ubu rifite ibitanda bibiri gusa ababyeyi babyariraho, nyamara uko iminsi igenda ishira umubare w’ababyeyi ugenda wiyongera ngo kugeza ubwo bamwe mu babyeyi baryama hasi kandi nabwo nyuma yo gufashwa kubyara bikorewe ku igodora iri hasi.

Bamwe mu babyeyi ngo bahitamo kujya kubyarira ku bitaro bya Ruhengeri cyangwa se ku kigo Nderabuzima cya Rugarama bakoze ingendo ndende bakifuza ko hakongerwa umubare w’ibitanda.

Uwahawe izina rya Nyiranzabonimpa Claudine, utuye mu Kagari ka Kamanyana, avuga ko ubwo yari agiye kubyara, yageze ku ivuriro rya Kamanyana asanga ibitanda byamaze gufatwa n’abandi babyeyi, afashwa kubyara ariko ngo bamusasiye igodora, ahabwa serivise aryamye hasi, ariko ngo byari bikomeye cyane.

Yagize ati: “Nageze ku ivuriro saa yine z’ijoro, nsanga ibitanda byose byuzuye. Igise cyaramfashe muganga aramfasha mbyarira ku igodora, ariko byari ikibazo cyane nk’imbeho, twifuza ko bakongera umubare w’ibitanda kugira ngo dukomeze duhabwe serivise hano hafi, kuko iri vuriro ryaje kuturuhura ingendo ndende.”

Mukankuzi Olive, wahinduriwe izina, we avuga ko iyo yumvise igihe cyo kubyara cyegereje ahitamo kujya kwa muganga mbere ho umunsi umwe kugira ngo azabyare mu bwisanzure, aho yerekeza ku kigo nderabuzima cya Cyanika mu bilometero 4 nabwo ngo bimusaba umuherekeza na we bamarana iyo minsi yose amwitaho.

Yagize ati: “Ubundi ni yo ubyaye neza yenda wabyariye ku gitanda, hakaza mugenzi wawe na we ari kunda bagukuraho ukaryama hasi kugira ngo na mugenzi wawe abone aho aryama, njyewe ubu nahisemo kujya nibatura nkajya kubyarira ku kigo nderabuzima cya Cyanika kuko ni ho hari ibitanda bihagije, ikindi kandi n’inyubako ni nkeya.”


Umukozi ushinzwe iri vuriro rya Kamanyana Nyirantezimana, avuga ko ikibazo nyamukuru atari ubushake buke bw’abakozi cyangwa kudatanga serivisi, ahubwo ko ari ukubura ibitanda bihagije n’ibikoresho by’ibanze.

Yagize ati: “Dukeneye ubuvugizi kuko hano uretse n’ibitanda bike, inyubako ni nkeya, twifuza ko yenda batwongerera nk’indi nyubako tugatandukanya ababyeyi n’abandi barwayi, iyo umubare w’ababyeyi ubaye mwinshi duhamagaza imbangukiragutabara ni ikibazo kidukomereye.”

N’ubwo iri vuriro ryahawe uwikorera ku giti cye ariko kugeza ubu riracyarebererwa n’ubuyobozi bw’Akarere ka Burera bukaba buvuga ko iki kibazo cy’ubuke bw’ibitanda n’inyubako kizwi gusa ngo bakomeje gushaka uburyo cyabonerwa umuti.

Umuyobozi w’Akarere ka Burera, Mukamana Soline yagize ati: “Bigendeye ku mubare w’abagana iri vuriro hazashakwa uburyo ryakwagurwa, na twe twarabimenye ko umubare w’ibitanda ari muke ubu rero tugiye kuvugisha inzego zishinzwe ubuzima hashakwe uburyo ibibazo byose by’ubuzima biri kuri iri vuriro byabonerwa ibisubizo.”

Iri vuriro rya Kamanyana kandi, kubera ko riri ku mupaka uhuza u Rwanda na Uganda, ngo hari n’ababyeyi baturuka Kisoro bakaza kuhashakira serivise kuko bakora urugendo rw’iminota 10 gusa, kuri ubu imibare igaragaza ko mu gihe cy’ukwezi iri vuriro ryakira abaje gushaka serivise.



**Kamanyana hari ibitanda bitarenze 2 gusa**







## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA Y'UMUTUNGO UTIMUKANWA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU **REF N° 025103709** CYO KUWA **02/06/2025** CYO KUGURISHA INGWATE MU CYAMUNARA KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA BANKI IBEREWEMO;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO KU NSHURO YA KABIRI AZAGURISHA MU CYAMUNARA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA INZU Y'UBUCURUZI IRI MU IKIBANZA GIFITE **UPI 5/07/05/02/6340** GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA **GITARAMUKA**, AKAGARI KA **KAGENGE**, UMURENGE WA **MAYANGE**, AKARERE KA **BUGESERA**, INTARA Y'**IBURASIRAZUBA;**

UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA MU GIHE UMUTUNGO WABA UTAGUZWE KU NSHURO YA MBERE CYANGWA IYA KABIRI

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 3 ARI NA YO YA NYUMA | IZATANGIRA KUWA **18/07/2025** IRANGIRE KUWA **25/07/2025** | SAA TANU **(11H00)** |

-UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BWA **838 SQM**
-AGACIRO K'UMUTUNGO NI **70,000,000 FRW**
-GUSURA UMUTUNGO BIZAKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI

UWIFUZA GUPIGANWA KUGURA UWO MUTUNGO, ARASABWA GUTANGA INGWATE Y'IPIGANWA Y'AMAFARANGA Y'U RWANDA **3,500,000 FRW** AHWANYE NA **5%** Y'AGACIRO K'UMUTUNGO AKAYISHYURA KURI KONTI YA MINISITERI Y'UBUTABERA IBONEKA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA AKISHYURA MURI **BANKI YA KIGALI (BK).** HAKORESHEJWE **URUBUTO PAY.**

UWATSINDIYE UMUTUNGO MURI CYAMUNARA YISHYURA AMAFARANGA KURI KONTI N° **1116080796074** IFUNGUYE MU **URWEGO FINANCE** MU MAZINA YA **HARELIMANA AUGUSTIN**

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO BINYUZE KU RUBUGA RW'INYANDIKOMPESHA ARIRWO: www.iecms.gov.rw ARI NAHO MUSANGA IFOTO N'AGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NOMERO YA TELEFONE IKURIKIRA: **0785089957**

BIKOREWE I KIGALI KUWA 17/07/2025

**Me HARELIMANA AUGUSTIN**
**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**

Me HARELIMANA Augustin
Appointed Receiver
Tel: 0785089957

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU N°025-118094 CYO KUGURISHA INGWATE CYATANZWE KWITALIKI 20/6/2025 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA BANK.

UMUHESHA W'INKIKO WU MWUGA ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'IKIBANZA (PLOT) **UPI 1/02/10/04/1502** BUFITE AGACIRO KANGANA NA 48,120,000**Frws.** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA BINUNGA, AKAGARI KA MURAMA, UMURENGE WA KINYINYA, AKARERE KA GASABO UMUJYI WA KIGALI.

IPIGANWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA MUBULYO BUKURIKIRA:

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| 1 | 18/07 kugeza 25/07 | 2025 | Saa Yine z'amanywa (10h00) |
| 2 | 27/07 kugeza 3/08 | 2025 | Saa Yine z'amanywa (10h00) |
| 3 | 5/08 kugeza 12/08 | 2025 | Saa Yine z'amanywa (10h00) |

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IGICIRO ANYUZE KURUBUGA RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw KANDI AKISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **(2,406,000 Frws)** NI UKUVUGA 5% Y'UMUTUNGO UGURISHWA AKAYISHYURA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA ABINYUJIJE KURUBUGA www.cyamunara.gov.rw. UWEGUNYE INGWATE AGOMBA KWISHYURA KURI KONTI N°**7075311** MUDAHEMUKA Barahira Johnson IRI MURI ZIGAMA CSS.

GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

UKENEYE IBINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI Tel; **0788854928**

BIKOREWE KIGALI 7/7/2025

M[e] Mudahemuka Barahira Johnson
Ushinzwe kugurisha Ingwate

Me Barahira MUDAHEMUKA Johnson Appointed Receiver

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU N°025-115477 CYO KUGURISHA INGWATE CYATANZWE KWITALIKI 18/6/2025 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA WA BANK.

UMUHESHA W'INKIKO WU MWUGA ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA. UGIZWE N'INZU IRI MUKIBANZA (PLOT) **UPI 2/04/07/01/1704.** BUFITE AGACIRO KANGANA NA **(69,623,651 FRWS).** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA RWABUYE, AKAGARI KA GATOBOTOBO, UMURENGE WA MBAZI, AKARERE KA HUYE, MU MAJYEPFO.

IPIGANWA MU BURYO BW'IKORANABUNGA RIZAKORWA MUBURYO BUKURIKIRA:

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| 1 | 18/07 kugeza 25/07 | 2025 | Saa Sita z'amanywa (12h00) |
| 2 | 27/07 kugeza 3/08 | 2025 | Saa Sita z'amanywa (12h00) |
| 3 | 5/08 kugeza 12/08 | 2025 | Saa Sita z'amanywa (12h00) |

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IGICIRO ANYUZE KURUBUGA RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw KANDI AKISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **(3,481,183FRWS)** NI UKUVUGA 5% Y'UMUTUNGO UGURISHWA AKAYISHYURA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA ABINYUJIJE K'URUBUGA www.cyamunara.gov.rw. UWEGUKANYE INGWATE AGOMBA KWISHYURA KURI KONTI N°**7075311** MUDAHEMUKA Barahira Johnson IRI MURI ZIGAMA CSS.

GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

UKENEYE IBINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI Tel; **0788854928**

BIKOREWE KIGALI 7/7/2025

M[e] Mudahemuka Barahira Johnson
Ushinzwe Kugurish'Ingwate

Me Barahira MUDAHEMUKA Johnson Appointed Receiver

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**ITANGAZO RYA CYAMUNARA**

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU N°025-115617 CYO KUGURISHA INGWATE CYATANZWE KWITALIKI 18/6/2025 KUGIRANGO HISHYURWE UMWENDA BANK IBEREWEMO.

UMUHESHA W'INKIKO WU MWUGA ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA UMUTUNGO UTIMUKANWA. UGIZWE N'INZU IRI MUKIBANZA (PLOT) **UPI 1/03/10/01/2269** BUFITE AGACIRO KANGANA NA 96,939,227**Frws.** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA MUKONI, AKAGARI KA KAMASHASHI, UMURENGE WA NYARUGUNGA, AKARERE KA KICUKIRO UMUJYI WA KIGALI.

IPIGANWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA RIZAKORWA MUBURYO BUKURIKIRA:

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI | UMWAKA | ISAHA |
|---|---|---|---|
| 1 | 18/07 kugeza 25/07 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |
| 2 | 27/07 kugeza 3/08 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |
| 3 | 5/08 kugeza 12/08 | 2025 | Saa Tanu z'amanywa (11h00) |

USHAKA GUPIGANWA ATANGA IGICIRO ANYUZE KURUBUGA RW'INYANDIKO MPESHA ZIRANGIZWA www.cyamunara.gov.rw KANDI AKISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA **4,846,961 Frws** NI UKUVUGA 5% Y'UMUTUNGO UGURISHWA AKAYISHYURA MUBURYO BW'IKORANABUHANGA ABINYUJIJE KURUBUGA www.cyamunara.gov.rw. UWEGUNYE INGWATE AGOMBA KWISHYURA KURI KONTI N°**7075311** MUDAHEMUKA Barahira Johnson IRI MURI ZIGAMA CSS.

GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

UKENEYE IBINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI Tel; **0788854928**

BIKOREWE KIGALI 7/6/2025

M[e] Mudahemuka Barahira Johnson
Ushinzwe kugurisha Ingwate

Me Barahira MUDAHEMUKA Johnson Appointed Receiver

# *Indirimbo Emmanuel yaba ifite aho ihuriye n'ubukwe bwa Vestine*

**MUTETERAZINA Shifah**

***Nyuma y'ibyumweru hafi bibiri, Ishimwe Vestine akoze ubukwe, abagize itsinda rya Vestine na Dorcas basohoye indirimbo nshya bise 'Emmanuel', ikubiyemo ubutumwa bwumvikanisha amashimwe y'urukundo no kurwanirirwa n'Imana.***

Ni indirimbo yafatiwe amashusho mu bukwe bwa Ishimwe Vestine n'umugabo we Idrissa Ouedraogo, bwabaye tariki 05 Nyakanga 2025.

Ni ubukwe bwabaye harabanje ibigeragezo byinshi byaba iby'amagambo n'ibindi byinshi byagiye bimenyekana mu biganiro aba bakobwa bagiye bakora mu bihe bitandukanye ubwo hitegurwaga ubukwe bwabo, ari nabyo benshi bashingiraho bavuga ko yaba ariyo mpamvu yo kuba harafashwe amashusho y'iyo ndirimbo muri ubwo bukwe, kugira ngo nyuma yabwo izasohoke igaragaraza amashimwe yabo n'inshuti nkuko bikwiye.

Mu kiganiro bakoze tariki 30 Kamena 2025, Vestine na Dorcas, batangarije abakunzi babo ko hari ibintu bitoroshye bari barimo gucamo, bavuga ko ubukwe niburangira bazatanga ubuhamya.

Vestine yagize ati: "Abantu bitegura ubukwe bahura n'ibigeregezo bikomeye, nkanjye, hari ibintu bikomeye ndimo gucamo ntigeze nshamo mbere, sinabivuga ubu ariko munsengere, nindangiza ubukwe ndi muzima nzabaha ubuhamya."

Icyo kiganiro abenshi bagishingiyeho bagihuza n'ubutumwa bukubiye mu ndirimbo Emmanuel, bamwe banashimangira ko yaba ari yo mpamvu bafatiye amashusho yayo mu bukwe bwa Ishimwe Vestine.

Muri iyo ndirimbo hari aho bagize bati: "Ubwo ndi mu ruhande rwawe, nzahagaragara nemye niyo inshuti zose nzamvaho, muri buri bihe nzazengurukwa n'ubuntu bwawe, nzuzura indirimbo z'amashimwe."

Barongeye bati: "Muri buri kibazo cyaba igikomeye cyangwa icyoroheje ibyiringiro byanjye nzabigumisha muri wowe, urukundo rwawe n'ingabo inkingiye, Goliyati ntazamenyera intsinzi yawe, ndayirata."

Emmanuel ni indirimbo ya Vestine na Dorcas imaze amasaha 22 iri hanze, ikaba imaze kurebwa n'abasaga ibihumbi bitanu, yakunzwe n'abarenga ibihumbi bine, ikaba ifite ibitekerezo birenga ibihumbi bitatu, ikaba ari iya gatatu mu zo bakoze mu rurimo rw'igiswahili.



**Indirimbo Emmanuel ya Vestine na Dorcas yakomeje guhuzwa n'ishimwe afite nyuma y'ubukwe**



**Itorero Inganzo ngari ryateguye igitaramo mu kwezi gutaha mu rwego rwo kuganuza Abanyarwanda**

# *'Tubarusha inganji' Inganzo ngari basobanuye ibyashingiweho batoranya izina ry'igitaramo*

**MUTETERAZINA Shifah**

***Ubuyobozi bw'Itorero Inganzo ngari, bwasobanuye icyashingiweho bahitamo izina ry'igitaramo bateganya gukora, bavuga ko ari ryo rihura n'umukino bateganya gukina.***

Ni igitaramo bateganya gukora mu kwezi gutaha mu rwego rwo kuganuza Abanyarwanda ibyo bavuga ko biteguye cyane.

Aganira na Imvaho Nshya, Umuyobozi w'Inganzo Ngari, Serge Nahimana, yavuze ko bahisemo iryo zina bashingiye ku mukino bateganya gukina, n'ubutumwa bifuza ko abantu bakuramo.

Yagize ati: "Izina tubarusha inganji ni ukwirata ibigwi, tukirata ibyo twagezeho nk'uko tugenda dukemura ibibazo bitwugarije."

Nyuma yo kureba ibibazo Abanyarwanda banyuramo n'uko babikemura, twasanze ari wo mukino uhura neza n'umuganura aho abantu baba bishimira ibyagezweho."

Nahimana avuga ko uretse kuba iryo zina rihura n'igisobanuro cy'umuganura, ariko banifuzaga ko iryo zina ritanga ubutumwa bw'uko abantu baticaye ngo bishimire ibyo bagezeho baninegure aho bitagenze neza ntaho bagera.

Agaruka ku mazina y'ibyiciro by'ibiciro by'amatike y'igitaramo 'Tubarusha Inganji' bavuga ko byitiriwe amatsinda bafite mu itorero.

Ati: "Amazina y'ibyiciro byo kugura amatike, twashingiye ku matsinda dufite mu itorero. Dufite Abaterambabazi, ni abakobwa bo mu itorero, tukagira itsinda ry'abaririmbyi ryitwa Inyamamare, hanyuma nanone tukagira itsinda ryitwa Indende ry'abahungu."

Uyu muyobozi avuga ko bahisemo kwitirira ibyiciro by'amatike gutyo birinda kugira abo bita abanyacyubahiro (VIP), kurenza abandi, ahubwo babyitirira amatsinda y'itorero kuko abazitabira bose bazaba baje kubashyigikira nk'itorero Inganzo ngari.

Kugeza ubu bavuga ko imyiteguro y'igitaramo igeze kuri 80%, kandi biteguye kuzashimisha abazakitabira bikaba biteganyijwe ko kizaba tariki 01 Kanama 2025 muri Camp Kigali.





# *Cameroon yahigitse Togo izamuka mu Itsinda rya 3 muri "Billie Jean King Cup 2025"*

**SHEMA Ivan**

***Ikipe ya Cameroun ya Tennis y'Abagore yatsindiye kuzamuka mu itsinda rya gatatu rya Billie Jean King Cup 2025, nyuma yo kuba iya mbere mu mikino yo mu itsinda rya kane.***

Ku wa Gatandatu tariki ya 19 Nyakanga, ni bwo habaye imikino isoza itsinda rya kane rya Billie Jean King Cup yari yitabiriwe n'ibihugu 12 ku bibuga bya IPRC Kigali.

Cameroun yabigezeho nyuma yo gutsinda Togo imikino ibiri 2-1 mu mukino usoza iya kamarampaka yo guhatanira imyanya.

Ni umukino ibihugu byombi byagiye gukina bisabwa gutsinda dore ko byanganyaga intsinzi imwe byakuye ku Rwanda mu irushanwa ry'ibihugu bitatu byari byayoboye amatsinda byari biherereyemo.

Cameroun yagaragaje urwego ruri hejuru, Charnelle Fozo atsinda Ayawayi Dotse amaseti 2-0 (6-2, 6-1) mu mukino wa mbere w'abakina ari umwe ndetse na mugenzi we Karine Marion Job yihererana Ami Diwiniga Grace Dougah amutsinda 6-1, 6-1.

Gutsinda iyi mikino ibiri byasaga n'ibihagije ku Banya-Cameroun kuko nubwo Togo yatsinze mu bakina ari babiri ntacyo byahinduye.

Muri uyu mukino wa gatatu utatinze kuko wamaze isaha imwe gusa, Serene Orphelia Nguimbis Ntove na Delisle Mananstop batsinzwe na Valentine Talaki wakinanye na Ayawayi Dotse amaseti 2-0 (6-3, 6-2).

Kwegukana umwanya wa mbere bivuze ko mu 2026, Cameroun izazamuka mu Itsinda rya gatatu rya Billie Jean King Cup ku Mugabane wa Afurika.

Togo yasoreje ku mwanya wa kabiri, ikurikiwe n'u Rwanda rwagize umwanya mwiza muri iri tsinda ugereranyije n'uwa gatanu rwari rwasorejeho mu 2024.

Bénin yabaye iya kane, ikurikirwa na Sénégal, Tanzania, Ethiopia, Lesotho, Sudani, Mozambique, Seychelles na Congo Brazzaville muri iri rushanwa ryari ryahuje ibihugu 12.

Ni ku nshuro ya gatatu yikurikiranya u Rwanda rwari rwakiriye iri rushanwa rifatwa nk'Igikombe cy'Isi cya Tennis mu bagore, aho ribera mu matsinda.

Billie Jean King Cup ni irushanwa ryitiriwe umukinnyi w'Umunyamerika wa Tennis, Billie Jean King. Mbere ryitwaga Fed Cup, ndetse rikinwa mu matsinda bitewe n'uko ibihugu bihagaze.

Ni ku nshuro ya gatatu ryikurikiranya ryari ribereye mu Rwanda.



**Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri ya Sipoo, Rwego Ngarambe, yifotozanya n'Ikipe y'Igihugu ya Cameroun yabaye iya mbere**



**Shema Fabrice ashyikiriza Perezida wa Komisiyo y'Amatora, Rugera Jean Claude, kandidatire yo kuyobora FERWAFA**

# *Shema Ngoga Fabrice yatanze kandidatire yo kuyobora FERWAFA*

**SHEMA Ivan**

***Shema Ngoga Fabrice usanzwe uyobora AS Kigali yatanze kandidatire yo kuyobora Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru mu Rwanda (FERWAFA) mu myaka ine iri imbere.***

Kuri uyu wa 19 Nyakanga 2025 ni bwo gutanga kandidatire zo kwiyamamariza kuyobora FERWAFA mu matora azaba tariki ya 30 Kamena. Byari byatangiye tariki ya 10 Nyakanga 2025.

Shema Ngoga Fabrice uhabwa amahirwe menshi yo kuyobora FERWAFA, yatanze kandidatire kimwe n'abo bashobora kuzakorana muri Komite Nyobozi.

Abo barimo Mugisha Richard nka Visi Perezida wa mbere, uwa kabiri ni Me Gasarabwe Claudine, Komiseri ushinzwe imari ni Nshuti Thierry, ushinzwe amarushanwa ni Niyitanga Désiré.

Komiseri ushinzwe umupira w'abagore ni Gicanda Nikita, ushinzwe amategeko ni Me Ndengeyingoma Louise naho Komiseri ushinzwe ubuvuzi ni Lt Col Mutsinzi Hubert.

Biteganyijwe kandi ko Komiseri ushinzwe imisifurire azaba ari Rurangirwa Louis.

Nk'uko amategeko ngengamikorere ya FERWAFA abiteganya, umwanya uzatorwa ni uwa Perezida gusa, akaba ari we uzashyiraho abo bazakorana.

Tariki ya 21 kugeza ku ya 26 Nyakanga 2025 hazakorwa isuzuma kuri kandidatire zizatangwa nk'uko bisabwa na Komisiyo y'Amatora.

Urutonde rw'agateganyo rw'abakandida ruzatangwa ku wa 28 Nyakanga, mu gihe ku wa 30 Nyakanga kugeza ku ya 4 Kanama hazatangwa ubujurire ku bo dosiye zabo zizaba zanzwe.

Gusuzuma ubujurire bizakorwa tariki 5 kugeza ku ya 8 Kanama, mu gihe ku ya 11 Kanama hazatangazwa ibyemezo by'ubujurire buzaba bwatanzwe.

Urutonde rwa nyuma rw'abazaba bemerewe kwiyamamariza kuyobora FERWAFA ruzatangazwa tariki ya 12 Kanama, hakurikireho igikorwa cyo kwiyamamaza kizaba hagati y'itariki ya 13 na 29 Kanama, amatora abe tariki ya 30 Kanama 2025.

Imvaho Nshya

# Siporo



NO .E-22 TARIKI 15 - 21 NYAKANGA 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# *Kevin na Marthe begukanye 'XCO Mountain Bike Series' yakinwe bwa kabiri*

**SHEMA Ivan**

***Nshutiraguma Kevin ukinira Ikipe ya Cine Elmay Cycling Club mu bagabo na Ntakirutimana Marthe mu bagore, begukanye isiganwa rya "Virunga XCO Mountain Bike Series" ryakinywe ku nshuro ya kabiri, ku Cyumweru tariki ya 20 Nyakanga 2025, mu Karere ka Musanze.***

"Virunga XCO Mountain Bike Series" ni uruhererekane rw'amasiganwa ya Mountain Bike azajya aba buri mwaka mu guteza imbere uyu mukino ukinirwa mu mihanda y'ibitaka no mu misozi.

Iri rushanwa ritegurwa n'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY) ku bufatanye n'Ikigo cyo guteza imbere uyu mukino (Africa Rising Cycling Center), Shift Up for Rwanda na Twin Lakes Cycling Academy.



**Isiganwa ryahagurukiraga mu Kigo cy'Amagare cya Africa Rising Cycling Centre**

Ku nshuro yaryo ya kabiri, ryitabiriwe n'abakinnyi batandukanye mu byiciro birimo abatarengeje imyaka 19, abatarengeje imyaka 23, abakuru n'abatarabigize umwuga bafite hejuru y'imyaka 18.

Abakinnyi bahagurukiraga mu Kigo cy'Amagare cya Musanze (ARCC), abagabo n'abatarengeje imyaka 23 bazengurutse inshuro zirindwi zingana n'ibilometero 33,6, abagore n'ingimbi bazenguruka inshuro eshanu zingana n'ibilometero 24 mu gihe abangavu n'abatarabigize umwuga bazengurutse inshuro eshatu zingana n'ibilometero 14,4.

Mu bagabo bakinnye isaha irenga, isiganwa ryegukanywe na Nshutiraguma Kevin wa Cine Elmay Cycling Club, akurikirwa na Iradukunda Valens wa Sina Cyling Club, naho Banzi Bukhari ukinira Ikipe ya Twin Lakes Cycling Academy wegukanye iri siganwa ku nshuro ya mbere muri Werurwe yabaye uwa gatatu.

Aba bakinnyi bose ni na bo bahembwe mu cyiciro cy'Abatarengeje imyaka 23.



**Ntakirutimana Marthe yishimira kwegukana Virunga XCO Series ku nshuro ya kabiri yikurikiranya mu bagore**

Mu bagore, hongeye gutsinda Ntakirutimana Marthe wa Ndabaga Women Cyling Team wari watsinze muri Werurwe ubwo isiganwa ryabaga ku nshuro ya mbere.

Yakurikiwe na Irakoze Neza Violette, naho Iragena Charlotte aba uwa gatatu mu gihe Tuyishimire Claudine na Ingabire Domina basoreje ku mwanya wa kane n'uwa gatanu.



**Abaturage bo mu Kinigi bari bashimiye kongera kubona Isiganwa ribasanga aho batuye**

Mu cyiciro cy'abatarengeje imyaka 19, uwegukanye intsinzi mu bakobwa ni Liza Jehovaire ukinira Ikipe ya Ndabaga Women Cycling Team wahigitse Nishimwe Gisèle wa Cine Elmay na Ahishakiye Claude wa Bugesera Cycling Team wabaye uwa gatatu.

Mu bahungu hatsinze Twagirayezu Didier ukinira Ikipe ya Kayonza Cycling Club wakurikiwe na Muhoza Janvier wa Shaggy Star Cycling Club wabaye uwa kabiri, mu gihe Tuyipfukamire Aphrodice wa Benediction Club yasoreje ku mwanya wa gatatu.

Mu bakinnyi batabigize umwuga hatsinze Mucyo Yassin wakinaga ku giti cye. Yakurikiwe na Hatangimana Olivier, Tuyisenge Jean Damascène, Ferhat Saka na Tuyishime Jean de Dieu.

Biteganyijwe ko isiganwa rya gatatu rya "Virunga XCO Mountain Bike Series" rizaba mu kwezi k'Ukwakira uyu mwaka.